Polisi y'u Rwanda

UMUTEKANO

N° 32 GICURASI 2016

POLISI Y'U RWANDA, SFH RWANDA N'URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE MU KURWANYA IBYAHA BASHYIZE UMUKONO KU MASEZERANO

Twandikire kuri www.police.gov.rw- info@police.gov.rw cyangwa pro@police.gov.rw @Rwandapolice @Rwanda National Police

TELEFONE ZA POLISI WAHAMAGARAHO USHAKA UBUTABAZI CYANGWA GUTANGA AMAKURU

Mu rwego rwo gukomeza kunoza imikoranire yayo n'Abaturage hagamijwe kubumbatira umutekano w'abantu n'ibyo batunze, Polisi y'u Rwanda yongeye kwibutsa Abaturarwanda imirongo ya terefoni itishyura ndetse n'indi ikoreshwa n'inzego zayo mu Gihugu cyose bahamagaraho, baba batanga amakuru, basobanuza cyangwa bifuza gutabarwa bashobora kohereza ubutumwa bwabo bwanditse aha hakurikira:

IMITWE YA POLISI IKORA IMIRIMO YIHARIYE (SPECIALIZED SERVICES)

Ubutabazi rusange:	112	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:	3512
Inkongi y'umuriro:	111	Isange One Stop Centre:	3029
Impanuka zo mu muhanda:	113	Ibibazo bifitanye isano na ruswa:	997
Ibibazo byavuka mu biyaga n'imigezi :	110	Ibirego biregwa umupolisi:	3511
Uburenganzira bw'umwana:	116		

Imikoranire n'inzego zitandukanye (PublicRelations):	0788311550 0788311155
Umutekano wo mu muhanda:	0788311110
Ubugenzacyaha:	0788311209
Ibikorwa bya Polisi (Operations):	0788311201
Polisi Mpuzamahanga (Interpol):	0788311107
Ubufatanye n'izindi nzego (International Cooperation):	0788311133
Umutekano w'ibibuga by'indege:	0788311139

ABAYOBOZI BA POLISI MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI

Amajyaruguru:	0788311151
Uburengerazuba:	0788311118
Uburasirazuba:	0788311142
Amajyepfo:	0788311138
Umujyi wa Kigali:	0788311128

ABAVUGIZI BA POLISI

Uburengerazuba:	0788311696
Uburasirazuba:	0788311774
Umujyi wa Kigali:	0788311829
Amajyaruguru:	0788311828
Amajyepfo:	0788311818
Umutekano wo mu muhanda:	0788311502

USHAKA KUNYUZA UBUTUMWA MU NYANDIKO

Agasanduku k'iposita (P.O.Box): 6304 Kigali

Website: www.police.gov.rw

E-mail: info@police.gov.rw

Twitter: @Rwandapolice

ISHAKIRO

5 Polisi y'u Rwanda, SFH Rwanda n'Urubyiruko rw'abakorebabushake mu kurwanya ibyaha bashyize umukono ku masezerano yo guteza imbere umutekano n'isuku

7 Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda yagiriye uruzinduko mu Ntara y'Iburengerezuba

8 Polisi y'u Rwanda irahumuriza abatewe impungenge n'ubujura bwo mungo

14 Abapolisi n'abakora umwuga w'itangazamakuru bahuguwe ku mutekano w'abanyamakuru n'uburyo bwiza bw'ubufatanye

21 Polisi n'abamotari bavuguruye ubufatanye mu kurwanya ibyaha

22 Ngoma: Abatwara abagenzi kuri moto no ku magare biyemeje kugira uruhare mu gukumira ibyaha

23 Yatangajwe no guta ivarisi ye kukibuga cy'indege cya Kigali, asubiyeyo arayihasanga

24 Umuyobozi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo yabonanye n' imiryango yahoze irangwa n'amakimbirane

27 Nyagatare: Abaturage bakanguriwe kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'iry' abana

30 Police Hand Ball Club yasoje icyiciro cya mbere cya Shampiyona iri ku mwanya wa mbere.

Abagize ubwanditsi bw' ikinyamakuru.

Ubuyobozi Bukuru
Polisi y'u Rwanda

Inama y'Ubwanditsi
ACP Damas Gatare
ACP Theos Badege
ACP Celestin Twahirwa

Umwanditsi mukuru
ACP Celestin Twahirwa

Umunyamabanga w'Ubwanditsi
IP JMV Nzayisenga

Abanyamakuru
IP Francois Mugabo
IP JMV Nzayisenga
Kamana Laurent

Photographer
AIPJackson Umunezero
CPL Tunezerwe Aimable
PC Ndahiro Rigobert
PC Nzirorera JMV

Graphic Designer
Babirye Joy

Copyright 2016
Polisi y'u Rwanda

Ijambo ry'ibanze

Tumenye uko icyaha cy'icuruzwa ry'abantu gikorwa n'uko twakirinda

Muri iki gihe, ku Isi yose muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko, hari ibyaha bihangayikishije kuko bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, bigategurwa bya gihanga kandi bikaba ari ndengamipaka.

Muri ibyo byaha harimo n'icy'icuruzwa ry'abantu. Ni muri urwo rwego Polisi y'u Rwanda ikangurira abanyarwanda cyane cyane urubyiruko kumenya, kwirinda no kurwanya icyaha cy'icuruzwa ry'abantu, ahubwo bagatungira agatoki Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego abakora ibyo bikorwa bibi bigayitse kugira ngo habeho kubikumira no gufata ababyishoramo.

Abantu bakwiye kumenya ko buri mwaka hari abantu bambutswa imipaka bakajyanwa mu bindi bihugu bagasambanywa, bagakoreshwa imirimo ivunanye, bakamburwa uburenganzira bwabo, ndetse bamwe ibice byabo by'umubiri bikagurishwa, kandi 80% by'abashorwa muri ibyo bikorwa ni abagore n'abana b'abakobwa".

Abantu bose bagomba kumenya ko abakora iri curuzwa ry'abantu bizeza abo bashaka kujya gucuruza ko bazabashakira amashuri meza ndetse n'akazi mu bihugu by'amahanga.

Ahanini igitera ubu bucuruzi bw'abantu ni iterambere mu itumanaho kuko umuntu uri mu gihugu runaka muvugana ku buryo bworoshye, uburyo bwo kugera mu bindi bihugu bworoshye, ndetse n'ubujiji.

Kubera iri tumanaho ryoroshye rero, umuntu ashobora kukwemeza no ukwizeza ibitangaza, mugahana gahunda y'uko wagera mu gihugu arimo, akaba yaza kugufata cyangwa akakoherereza amafaranga y'urugendo ngo umusangeyo, wagenda ukisanga ibyo bagusezeranyije ataribyo urimo, ahubwo warashowe mu buraya cyangwa ukoreshwa imirimo y'agahato bikaba byakuviramo urupfu.

N'ubwo mu Rwanda icuruzwa ry'abantu ritarafata intera ndende, hari ingamba zafashwe mu kurikumira harimo gahunda yo kwigisha abanyarwanda ububi bwaryo, guhana abarifatiwemo, kubaka ubushobozi bwo gushaka no gushyiraho aho bapimira ibimenyetso, gushyiraho ikigo Isange One Stop Centre gifasha abakorewe ihohoterwa, gushyiraho ibigo ngororamuco, ubufatanye bwa Polisi n'abaturage hagamijwe gukumira no kurwanya ibyaha bitaraba, n'ubukangurambaga buhoraho ku kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu.

Mu kwirinda iki cyaha rero, Polisi y'u Rwanda iragira inama buri munyarwanda cyane cyane urubyiruko ko mu biganiro bitandukanye bagirana na bagenzi babo bajya bakangurirana kwima amatwi umuntu waza abizeza biriya bitangaza biba byihishe inyuma imigambi mibisha nk'iriya, ahubwo mu gihe bamenye amakuru yerekeye ibyo bikorwa byo gucuruza abantu, bakajya bahita babimenyesha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zibishinzwe kugira ngo ababikoze cyangwa abategura kubikora bafatwe.

Polisi y'u Rwanda, SFH Rwanda n'Urubyiruko rw'abakorebabushake mu kurwanya ibyaha bashyize umukono ku masezerano yo guteza imbere umutekano n'isuku

Ku itariki ya 4 Gicurasi, Polisi y'u Rwanda n'umuryango witwa Society Family Health (SFH) Rwanda n'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira no kurwanya ibyaha (RYVCPO) basinyanye amasezerano y'ubufatanye mu bukangurambaga bw'umutekano n'isuku.

Ku ruhande rwa Polisi y'u Rwanda, aya masezerano yashyizweho umukono n'umuyobozi w'ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya Polisi n'iby'abaturage muri Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police Damas Gatare, umuyobozi wa SFH Rwanda Manasseh Gihana Wandera, n' umuhuzabikorwa w'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira no kurwanya ibyaha, Justus Kangwagye, uyu muhango ukaba warabereye ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru.

Uyu muhango w'isinywa ry'aya masezerano, wayobowe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Francis Kaboneka, hakaba hari kandi Minisitiri w'Umutekano mu gihugu, Sheikh Musa Fazil Harelimana, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, Inspector General of Police(IGP) Emmanuel K.Gasana, abayobozi b'Intara n'uturere bose, ndetse n'abahagarariye ruriya rubyiruko mu turere twose.

Nk'uko bikubiye mu masezerano yashyizweho umukono, Polisi y'u Rwanda na SHF Rwanda bazajya bafatanya mu gutera inkunga ibikorwa by'uru rubyiruko bizaba bigamije guhindura imyumvire y'abaturage mu birebana n'umutekano, ubuzima n'isuku.

Gutera inkunga ku ifashamyumvire ya ruriya rubyiruko biganisha ku buzima buzira umuze, ku mutekano ntamakemwa biciye mu ngamba zo guherererekanya amakuru zizakoreshwa na SFR Rwanda nko guhuriza hamwe abaturage ndetse n'itumanaho hagati y'abantu (Interpersonnal communication) rizaba rikubiyemo ubutumwa burebana n'ubuzima n'isuku.

Kubufatanye bwa Polisi n'ubuyobozi bw'ibanze, bahamagarira urubyiruko rw'abakorerabushake ndetse n'abaturage aho batuye kwitabira inamaz'ihinduramyumvire ku birebana n'ubuzima n'umuco w'isuku (Behaviour Change Communication) zizajya zitegurwa na SFH Rwanda.

SFH Rwanda kandi izajya itanga ibikoresho byifashishwa mu isuku n'ubuzima kuri ruriya rubyiruko mu korohereza itumanaho n'igenzura mu bukangurambaga bw'ihinduramyumvire hagamijwe kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

Minisitiri Kaboneka yavuze ko, n'ubwo u Rwanda ari igihugu gitekanye, haracyari ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, abagishaka kurenganya abandi, ibibazo by'isuku n'ibindi.

Yabwiye uru rubyiruko ati:"Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge kimwe n'isuku nke bishobora kuba ikibazo ku rubyiruko no ku gihugu, U Rwanda ni urwanyu kandi rubategerejeho byinshi."

Yongeyeho ati:" u Rwanda ni kimwe mu bihugu bitekanye kubera imbaraga rukoresha, ndahamya ko ubu bufatanye buzagera kuri byinshi biciye mu gutangira amakuru ku gihe , bikaba bifasha mu kurwanya ibyaha."

Umuyobozi wa SFH Gihana we yagize ati:"Ubu bufatanye ni ingenzi kubera ko buhuje imbaraga z'urubyiruko rugeze ku bihumbi 20. Aba ni abantu benshi bashobora kuba miliyoni imwe mu mwaka umwe gusa, tukaba twizera ko bazatworohereza akazi, kuko bazaba abarimu bacu, bakazajya bajya mu midugudu kwigisha abaturage imibereho irangwamo isuku, izira imirire mibi,n'ibindi.."

Gihana yavuze ko imirire mibi ikiri ikibazo mu Rwanda maze agira ati:"Ni ikibazo cy'imyumvire n'imigenzereze, urubyiruko nk'uru rubonye ibyangombwa rushobora kubihindura byose."

Mu ijambo rye, Kangwagye yavuze ko nk'urubyiruko rwiteguye, ibikorwa n'ijwi byarwo bizagera ku baturage bo hasi kandi asaba n'indi miryango gukoresha urubyiruko niba bashaka kugera ku ntego baba biyemeje.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police(ACP) Celestin Twahirwa yavuze ko isuku n'ubuzima bifitanye isano ya hafi, kuko ubuzima bwiza butangirira ku muntu ku giti cye, maze agira ati:" Guteza imbere imibereho y'abaturage bituma n'ibyaha byirindwa kandi nicyo ubufatanye bwa Polisi n'abaturage bugendereye."

Yongeyeho ati:"Uruhare rwacu ni ukwigisha uru rubyiruko no gufatanya narwo ndetse na SFH mu gushyira mu bikorwa aya masezerano tunateza imbere ibikorwa bigamije imibereho myiza y'abaturage biri muri gahunda zarwo."

SFH ni umuryango utegamiye kuri Leta ufatanya n'abigenga muri gahunda zo guteza imbere ibyo abaturage bakeneye cyane cyane ibirebana n'ubuzima.

Aya masezerano aje guha imbaraga ayari asanzwe hagati ya Polisi y'u Rwanda n'urubyiruko rw'abakorerabushake (RYVCO) y' ubukangurambaga bwo kurwanya ibyaha hagamijwe kubungabunga umutekano w'abaturage n'umuco w' imibereho myiza yabo yasinywe muri Gicurasi umwaka ushize.

Minisiteri y'Ubuzima yashyikirijwe ibitaro bya Polisi bya Kacyiru

Ku italiki ya 26 Mata, ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru, habaye umuhango w'ihererekanyabubasha hagati ya Polisi y'u Rwanda na Minisiteri y'Ubuzima, aho bahererekanyaga ibyitwaga ibitaro bya Polisi bya Kacyiru, ubu bikaba byitwa Kacyiru District Hospital.

Ni umuhango kandi wari witabiriwe na Minisitiri w'Umutekano mu gihugu, Sheikh Musa Fazil Harelimana, Minisitiri w'Ubuzima, Agnes Binagwaho , Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'ubuzima, Dr Jean Pierre Nyemazi n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, Inspector General of Police (IGP) Emmanuel K. Gasana ari nawe wahaye ikaze aba bashyitsi, hari kandi n'abandi bayobozi bakuru muri Polisi y'u Rwanda.

Mu ijambo rye, Minisitiri Harelimana yavuze ko muri iri hererekanyabubasha, Polisi y'u Rwanda yashyikirije ibi bitaro Minisante, nayo ikazabiha akarere ka Gasabo, iri hererekanyabubasha rikaba kandi rigamije kudatatanya imbaraga no kugirango hanozwe iterambere mu buzima kandi ko ubugenzacyaha bwahakorerwaga nabwo buzakomeza kuhakorerwa.

Iri hererekanyabubasha rikaba ryabaye hagati ya Assistant Commissioner of Police(ACP) Vincent Sano, umuyobozi w'ishami rishinzwe ubukungu muri Polisi y'u Rwanda ku ruhande rwa Polisi , na Dr Jean Pierre Nyemazi, ku ruhande rwa Minisiteri y'Ubuzima.

Minisitiri Binagwaho, yashimiye Polisi y'u Rwanda ku byo yagejeje kuri ibi bitaro n'uburyo byacunzwe neza aho yagize ati:"Mu igenzura ryabaye muri ibi bitaro, twatangajwe n'imicungire myiza yahagaragaye ndetse na serivisi zigezweho zihatangirwa, ibi tugomba no kubisangiza n'ibindi bitaro mu gihugu hose, tuzakomeza rero gukorana na Polisi y'u Rwanda kuko tutazahwema kugira ibyo tuyigiraho."

Yavuze ko Polisi izakomeza gukoresha Isange One Stop Center isanzwe ikorera muri ibi bitaro, anavuga ko hazabaho gufatanya mu mikoreshereze ya laboratwari izakusanya ikanabika ibimenyetso by'ibyaha (forensic laboratory) kuko Polisi yamaze kubigiraho ubunararibonye.

> *"Mu igenzura ryabaye muri ibi bitaro, twatangajwen'imicungiremyizayahagaragaye ndetse na serivisi zigezweho zihatangirwa, ibi tugomba no kubisangiza n'ibindi bitaro mu gihugu hose, tuzakomeza rero gukorana na Polisi y'u Rwanda kuko tutazahwema kugira ibyo tuyigiraho."*

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda yagiriye uruzinduko mu Ntara y'Iburengerezuba

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Emmanuel K. Gasana yagiriye uruzinduko rw'iminsi 3 mu turere twa Rusizi na Nyamasheke mu ntara y'Iburengerezuba, akaba yarasuye anareba imikorere ya Sitasiyo za Polisi zikorera muri utwo turere, mu rwego rwo kuzikangurira gukomeza gukora akazi kazo neza no guha serivisi nziza kandi vuba abaturage bazigana.

Muri urwo ruzinduko, yanagiranye inama n'abafatanyabikorwa ba Polisi batandukanye baganira uko barushaho gufatanya na Polisi y'u Rwanda mu kubumbatira umutekano.

IGP Gasana yasabye abapolisi bakorera muri utwo turere, abagize komite zo kwicungira umutekano, abamotari bakorera muri utwo turere n'abandi bafatanyabikorwa gukorera hamwe bagakumira, bakanarwanya ikintu cyose cyahungabanya umutekano mu karere kabo.

Ahura n'abamotari bakorera mu karere ka Rusizi, IGP Gasana yabasezeranije ubufasha mu gukemura ibibazo by'inzu yak operative yabo.

Yagize ati" Polisi y'u Rwanda izakurikirana abanyereje ibyagombaga kubaka inzu ya koperative, uretse ibyo kandi hazabaho n'ubundi bufasha kugira ngo mugere ku ntego yanyu yo kugira inzu y'ubucuruzi."

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda yasubije ibibazo byose byababijwe n'uhagarariye koperative y'abamotari (COMURU) Kayigire Vincent, birebana n'abanyereje ibyagombaga kubaka inzu y'amagorofa ane y'aba bamotari.

Nyuma y'iyi nama, abamotari bavuze ko bishimiye ko n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda yitaye ku kibazo cy'ibyabo byanyerejwe.

IGP Gasana kandi yavuze ko Polisi y'u Rwanda yiteguye gukomeza gukorana n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo n'aba bamotari kandi yizeza abaturarwanda umutekano usesuye.

Yavuze ko ubufatanye n'abaturage ari inkingi ya mwamba mu kubumbatira umutekano, anavuga ko gukorana n'abaturage ari ngombwa, bakarushaho guhanahana amakuru byihuse, bakarwanya ibyaha binyuranye birimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina, icuruzwa ry'abantu, ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, no guhagurukira ikibazo cy'abana bo mu muhanda.

Muri iyi nama kandi, IGP Gasana yasabye abayobozi b'inzego z'ibanze n'abavuga rikumvikana gukurikirana abakoresha nabi n'abakoresha ku nyungu zabo gahunda zigenewe guteza imbere abaturage nka gahunda ya Gir'inka, VUP, anabasaba kongera imbaraga mu gukomeza guteza imbere abaturage.

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda abonana n'abapolisi bo muri utu turere, yabashimiye akazi keza bakora ndetse n'ubunyamwuga berekana aho yagize ati:"N'ubwo mwitwara neza, mugomba guhora muri abanyamwuga , mutanga serivisi inoze ku bagana Polisi kandi mukemura ibibazo byabo ku gihe."

Ubuyobozi bwa Polisi buzakomeza gukora ingendo nk'izi mu bice bitandukanye by'igihugu bukangurire abapolisi kurushaho kurangwa n'ikinyabupfura, gutanga serivisi nziza no gukomeza gukorana n'abaturage.

"N'ubwo mwitwara neza, mugomba guhora muri abanyamwuga , mutanga serivisi inoze ku bagana Polisi kandi mukemura ibibazo byabo ku gihe."

Polisi y'u Rwanda irahumuriza abatewe impungenge n'ubujura bwo mungo

Polisi y'u Rwanda irizeza abaturarwanda ko umutekano wabo n'ibintu byabo ucunzwe neza, ku buryo badakwiye guterwa impungenge n'ubujura bwo mu ngo kubera ko yashyizeho ingamba zo kuburwanya.

Uku kubahumuriza gushingiye ku mpungenge batewe n'ibikorwa by'ubujura bwo mu ngo byakozwe ahantu hatandukanye mu bihe bishize.

Mu mezi ashize, abatuye mu mujyi wa Kigali bagaragaje ko ibikorwa by'ubujura bwo mu ngo bigenda byiyongera, aho ababikora biba ibikoresho birimo iby'ikoranabuhanga nka Tereviziyo, ibyo mu nzu, n'ibishyushya ibyo kurya, n'ibindi.

Nubwo muri rusange ibyo bikorwa by'ubujura nta wabikomerekeyemo, abaturage batari bake bavuze ko babiburiyemo ibintu byabo bibarirwa mu ma miliyoni.

Bamwe mu bibwe babwiye ikinyamakuru The New Times ko bumwe mu buryo abajura bakoresha harimo kumena ibirahuri by'amadisha y'inzu no gukata ibyuma by'amadirishya biba inyuma y'ibirahuri, hanyuma bakinjira mu nzu baciye muri uwo mwanya, maze bakiba ibyo bashaka.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP) Celestin Twahirwa avugana na The New Times, yavuze ko kumena amazu ari ibikorwa bifite umwihariko, ariko ko uru rwego rw'umutekano rwafashe ingamba zo gukemura iki kibazo mu buryo burambye.

Yavuze ko n'ubwo bimeze bityo, ibikorwa by'ubujura bwo mu ngo atari byinshi, ndetse ko bidakanganye ku buryo byagira uwo bikura umutima.

Yagize ati:"Kigali iratekanye. Polisi mu mujyi wa Kigali ikora ibishoboka byose kugira ngo umutekano mu mujyi urusheho kubungabungwa. Ntikora yonyine, ahubwo ifatanya n'izindi nzego zo mu mujyi, ubuyobozi bwawo, ndetse n'abaturage hashingiwe ku gaciro k'umutekano w'umujyi. Ni yo mpamvu Polisi y'u Rwanda ikora amarondo, ndetse n'abaturage bakaba bayakora mu bice batuyemo mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu kwicungira umutekano."

ACP Twahirwa yavuze ko abagize Komite zo kwicungira umutekano (Community Policing Committes -CPCs) basuzuma ibibazo biri mu bice batuyemo; kandi bagatanga inama ku cyakorwa kugira ngo bikemuke, ndetse bagatanga umusanzu kugira ngo umutekano urusheho gusigasirwa.

Yakomeje avuga ko bari bazi ko iterambere ry'umujyi rijyana ahanini no kwiyongera kw'ibibazo binyuranye.

Akaba yaragize ati: "Dufite imitwe yihariye ikora mu bihe nk'ibyo. Dufite umutwe ushinzwe gushaka no gufata abanyabyaha banyuranye mu mujyi wa Kigali. Uwo mutwe uhora witeguye gutabara aho utabajwe, ukaba ufite ubushobozi bwo kumenya aho umunyacyaha ari, kandi iyo hagize uwumenyesha ku gihe ko yibwe, urakurikirana kugeza ufashe uwibye. Uretse kuba ufite ubushobozi bwo gufata umunyacyaha, uyu mutwe ufite kandi ubushobozi bwo gufata no kugaruza ibintu byibwe."

Ku bijyanye niba Polisi y'u Rwanda idatewe impungenge n'umutekano mu mujyi wa Kigali, yavuze ko nta gikwiye gutera abantu ubwoba kubera ko ahantu ha ngombwa hose haba hari abapolisi bakurikiranira hafi uko umutekano wifashe.

ACP Twahirwa yasabye abaturarwanda kujya bihutira kumenyesha Polisi y'u Rwanda amakuru y'ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano bayihamagara kuri nomero za terefone zitishyurwa zirimo 112.

Yagize ati:"Turashaka kumenyesha abaturarwanda ko ikintu cyose kibaye gikemuka bitewe n'uko cyamenyeshejwe Polisi y'u Rwanda ku gihe. Iyo tumenye ikibazo vuba, duhita tugera aho cyabereye, tugakora isesengura kugira ngo tumenye icyagiteye. Ni yo mpamvu twafashe abantu batari bake ndetse tugaruza ibintu bibye."

Yavuze ko Polisi y'u Rwanda ihura n'imbogamizi zo kumenya ba nyiri ibintu iba yafashe kubera ko uwibwe aba asabwa gutanga ikirego kandi akagaragaza ibimenyetso by'uko ikintu cyafashwe ari icye koko.

Mu rwego rwo gukemura izo mbogamizi, ACP Twahirwa yavuze ko bakangurira abaturarwanda gufata ingamba zo kurinda umutekano w'ibintu byabo, kandi bakabishyiraho ikimenyetso kugira ngo byorohe mu gihe cyo kubishakisha igihe byibwe.

"Turashaka kumenyesha abaturarwanda ko ikintu cyose kibaye gikemuka bitewe n'uko cyamenyeshejwe Polisi y'u Rwanda ku gihe. Iyo tumenye ikibazo vuba, duhita tugera aho cyabereye, tugakora isesengura kugira ngo tumenye icyagiteye. Ni yo mpamvu twafashe abantu batari bake ndetse tugaruza ibintu bibye."

Ambasaderi w'u Buholandi mu Rwanda yashimye ibikorwa bya Isange One Stop Center

Ambasaderi w'u Buholandi mu Rwanda, Madamu Frédérique de Man, aherekejwe na Ambasaderi w'u Buholandi mu gihugu cya Sudani, Madamu Susan Bkenthaut, Minisitiri w'Uburinganire n'iterambere ry'umuryango, Madamu Diane Gashumba ndetse n'uhagarariye One UN mu Rwanda, Madamu Fatou A. Lo yashimye byimazeyo serivisi zitangwa na Isange One Stop Center zirimo ibikorwa binyuranye bifasha mu gukemura ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Aba bashyitsi bashimye ibimaze kugerwaho mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ubwo basuraga Isange One Stop center kuwa gatanu tariki ya 28 Mata.

Bakihagera, bakiriwe n'umuhuzabikorwa wa Isange One Stop center, Superintendent of Police (SP) Shafiga Murebwayire, akaba yarabasobanuriye amateka ndetse na serivisi zitangwa n'iki kigo, zigamije gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.

Ambasaderi w'u Buholandi mu Rwanda ari nawe wari umushyitsi mukuru, yagize ati:" Mbashimiye akazi kanyu mu guharanira uburenganzira bw'abana n'abagore kandi hano mpigiye ibintu byinshi by'ingirakamaro".

Ambasaderi Frédérique de Man yavuze ko ikigo cya Isange one stop center gifite ubunarariboye mu gukemura ibibazo birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

ndetse no guharanira uburenganzira bw'abagore n'abana, ibi bikaba aribyo bituma u Buholandi bwiyemeza gukomeza gukorana n' iki kigo.

Yagize ati:" Guverinoma y'u Buholandi ishimishijwe no gukorana n'ikigo Isange one stop center kubera ko ibyo iki kigo gikora ari umwihariko w'u Rwanda kandi isi yose ikaba ishimishijwe n'ibimaze kugerwaho mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gutsina no guharanira uburenganira bw'abana n'abagore. Niyo mpamvu twahisemo gukomeza ubu bufatanye n'iki kigo tureba ko mu bihe biri imbere imikorere ya Isange one stop center yagera no mu bindi bihugu".

Madamu Fatou uhagarayiye One UN mu Rwanda we, yavuze ko akurikije serivisi iki kigo gitanga, One UN ifite icyizere ko isi izagera aho izaba itakirangwamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorerwa abana n'abagore.

Minisitiri Diane Gashumba, yavuze ko abanyarwanda muri rusange batewe ishema n'ibyo Isange One Stop Center imaze kugeraho mu kwita ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, aho abona ko ari serivisi yo mu rwego rwo hejuru.

Kugeza ubu, Isange One Stop Center ifite serivisi zitangirwa mu bitaro by'uturere 17, mu bijyanye no gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana aho bafashwa mu by'ubuvuzi, ubujyanama n'ubutabera, mu mpera z'uyu mwaka wa 2016, serivisi zayo zikazaba ziri mu bitaro 23 by'uturere.

Ikigo Isange One stop center cyashinzwe mu mwaka w'2009 ku bufasha bwa Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Jeannette Kagame ndetse n'ihuriro ry'imiryango y'umuryango w'Abibumbye ikorera mu Rwanda (One UN).

Iki kigo kikaba gifasha abahohotewe mu bijyanye n'ubuvuzi,kubafasha mu by'ubujyanama hagamijwe kubarinda kwiheba ndetse bakanafashwa ku bijyanye n'ubutabera kugira ngo abakoze ihohoterwa bashyikirizwe inzego zibishinzwe.

RWANDA NATIONAL POLICE
Service · Protection · Integrity

ISANGE ONE STOP CENTER
Hamagara kuri: 3519

Ingabo n'abapolisi b'u Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro mu bihugu bitandukanye bifatanyije n'abandi banyarwanda kwibuka



Ubwo ku itariki ya 7 Mata abanyarwanda n'isi yose muri rusange batangiraga icyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 22 Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ingabo n'abapolisi b'u Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro nabo bifatanyije n'abandi banyarwanda kwibuka.

Muri Centrafrique, uyu muhango wabereye mu murwa mukuru Bangui, aho ingabo z'u Rwanda zikambitse mu nkambi ya M'Poko SOCATEL, witabirwa na Minisitiri w'ingabo wa Centrafrique Joseph Bindoume, n'umwe mu bayobozi b'ingabo z'umuryango w'abibumbye ziri muri icyo gihugu (MINUSCA Chief of Staff) Aliou Sene.

Mu gutangiza uyu muhango, abanyacyubahiro bari bahari bacanye urumuri rw'icyizere banunamira inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Minisitiri Bindoume yihanganishije abarokotse n'abanyarwanda muri rusange, avuga ko Leta ya Centrafrique izi ko mu 1994 abatutsi bo mu Rwanda bakorewe Jenoside, anavuga ko Leta ahagarariye ishima ibyo Leta y'u Rwanda ikora mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Akaba yaravuze ati:"Leta yacu yababajwe n'ibyabaye mu Rwanda mu 1994, nyamara yaba jyewe ku giti cyanjye na Leta mpagarariye, turishimira imbaraga Leta y'u Rwanda ishyira mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside haba mu Rwanda no mu mahanga."

Assistant Commissioner of Police (ACP) Gilbert R. Gumira, uyoboye aba polisi b'u Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro muri centrafrika, yavuze icyo kwibuka aricyo ku banyarwanda ndetse no ku muryango mpuzamahanga, yabwiye abari aho amateka ya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994, uko yakozwe n'uko yahagaritswe, n'aho u Rwanda rugeze rwiyubaka.

Uwari uhagarariye abanyarwanda baba muri Centrafrique Mpamo Aimable yagize ati:"Turibuka kuko dufite inshingano zo guha icyubahiro abacu bishwe urw'agashinyaguro, kwibuka akaba ari imwe mu ntwaro

zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, kandi tugomba kuba abambasaderi mu kuyirwanya mu miryango yacu kugirango Jenoside itazasubira ukundi aho ariho hose ku isi."

Mu ijoro ryo kwibuka Abanyarwanda n'incuti zabo beretswe sinema ivuga kuri Jenoside.

Uyu muhango wo kwibuka wanabereye mu ntara ya Darfur muri Sudani, witabirwa n'abandi baje kubungabunga amahoro muri iyi ntara baturutse mu bihugu bitandukanye, abanyarwanda baba muri iyi ntara ndetse n'inshuti z'u Rwanda.

Muri Sudani y'Epfo, ahitwa Upper Nile cyangwa Malakal , abasirikare bari muri batayo ya 2 y'u Rwanda, abapolisi bakorera mu mutwe wa RwandaFPU1, abapolisi bakora batari mu mitwe nabo bakorera muri ako gace bose bagera kuri 800 ,inshuti z'u Rwanda zikorera muri UNMISS , mu miryango itegamiye kuri Leta, nabo ku italiki ya 7 Mata bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 22.

Mu izina ry'Umuryango w'Abibumbye, umuhuzabikorwa w'ubutumwa bwa Loni muri Sudani y'Epfo muri kariya gace, Madamu Hazel DE WET, yunamiye abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 kandi ashimira u Rwanda uburyo rwiyubatse vuba, ubu akaba ari kimwe mu bihugu byohereza umubare munini mu butumwa bwo kubungabunga amahoro bwa Loni mu bihugu bitandukanye nyuma y'imyaka 22 yonyine nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yashimiye kandi abanyarwanda bari muri ubu butumwa bwa UNMISS ku kuba intangarugero muri ubwo butumwa aho yagiriye inama abanya Sudani y'Epfo kwigira ku Rwanda no kwibagirwa ibyahise bagashaka ubwiyunge no kubaka igihugu cyabo.

Mu ijambo yagejeje ku bari aho mu izina ry'abanyarwanda bakorera muri aka gace, Colonel Deo Rusanganwa yavuze ku mavu n'amavuko ya Jenoside yakorewe Abatutsi guhera mbere y'ubukoloni kugeza mu mwaka wa 1994.

Colonel Rusanganwa yerekanye gahunda y'iterambere u Rwanda rurimo gushyira mu bikorwa hazamurwa imibereho y'Abanyarwanda.

Yagiriye inama Umuryango Mpuzamahanga yo gufatanya no gufasha mu guta muri yombi abateguye n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi bakidegembya hirya no hino ku isi ngo bacirwe imanza.

Muri Haiti, umuhango wo kwibuka wabereye mu kigo cy'umutwe w'Abapolisi ba RWA FPU6 uri mu butumwa bwa Loni muri iki gihugu MINUSTAH kiri muri Jeremie, hakaba hari abashyitsi bagera kuri 300 barimo abakozi muri Loni n'abavuye mu ihuriro ry'Abanyarwanda batuye muri Haiti.

Mu ijambo yagejeje ku bari aho, Umuyobozi wa Polisi muri MINUSTAH, Brigadier Genaral George-Pierre Monchotte wari n'umushitsi mukuru yashimye impinduka zabaye ku Rwanda, zikaba zigaragarira ku bunyamwuga buranga Abanyarwanda bari mu butumwa bw'amahoro mu kubaka ibindi bihugu.

Mu ijambo rye, Commissioner of Police (CP) Joseph Mugisha, uyobora abapolisi b'u Rwanda bari muri MINUSTAH, yagize ati" Imyaka 22 irashize, abanyarwanda batikiriye mu minsi 100 y'akaga, aho imivu y'amaraso yaratembye n'amarira y'abarokotse; abanyarwanda batereranywe impande zose, aho igisirikare cyabo cyariho kica inzirakarengane z'abasivili mu maso y'abitwaga ko baje kugarura amahoro n'Umuryango Mpuzamahanga."

Yakomeje agira ati:"u Rwanda rwashenywe n'abaturage barwo n'ingengabitekerezo ya Jenoside y'abayobozi babi rwagize kandi ntirwitaweho n'Umuryango Mpuzamahanga."

Yarangije avuga ko, nyuma ya Jenoside, ubu u Rwanda rurimo kurwanya ibibazo nk'ibyo rwahuye nabyo ariko hanze y'imipaka yarwo, rukaba rwariyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'andi mahano aho yaboneka hose.

Umuhango nk'uyu kandi wabereye Abyei, aho Ingabo n'Abapolisi b'u Rwanda bifatanyije na bagenzi babo babungabunga amahoro bava mu bindi bihugu, mu muhango wo kwibuka .

Leta yacu yababajwe n'ibyabaye mu Rwanda mu 1994, nyamara yaba jyewe ku giti cyanjye na Leta mpagarariye, turishimira imbaraga Leta y'u Rwanda ishyira mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside haba mu Rwanda no mu mahanga."

Abapolisi b'u Rwanda bahawe inshingano zo kurinda Minisitiri w'intebe wa Centrafrique

Nyuma y'aho Simplice Sarandji abereye Minisitiri w'intebe wa Centrafrique, ubu abapolisi b'u Rwanda bagiye kubungabunga amahoro muri iki gihugu nibo bahawe inshingano zo kumucungira umutekano.

Itsinda ry'abapolisi 140 b'u Rwanda rishinzwe kurinda abayobozi baba ab'umuryango w'abibumbye bari muri icyo gihugu ndetse n'abayobozi bakuru ba Centrafrique, baherutse koherezwa muri iki gihugu bafite izi nshingano, bakaba aribo ba mbere boherejweyo mu Ukwakira umwaka ushize, bakaba bayobowe na Assistant Commissioner of Police (ACP) Benoit Kayijuka.

Nyuma yo guhabwa izi nshingano, umuyobozi w'abapolisi bose bari mu butumwa bw'amahoro muri Centrafrique, Assistant Commissioner of Police (ACP) Gilbert R. Gumira yagize ati:"Twahawe inshingano zo kurinda minisitiri w'intebe, tukaba tuzacunga umutekano we aho ari hose, haba aho akorera, mu ngendo ze nitwe tuzaba tumurinze ndetse no mu rugo iwe."

Yakomeje avuga ati:" Iyi mirimo mishya ariko ntikuyeho gucunga umutekano w'abandi bayobozi bakuru ba Centrafrique ndetse n'abayobozi b'umuryango w'abibumbye, yose tuzayifatanya."

Sarandji niwe wari uhagarariye ibikorwa byo kwiyamamaza kwa Perezida mushya wa Centrafrique Faustin Archange Touadera, akaba yaranabaye umuyobozi w'ibiro by'uwahoze ari Perezida w'iki gihugu Francois Bozize, mu gihe Touadera we yari Minisitiri w'intebe.

Izi nshingano zo kurinda Minisitiri w'intebe aba bapolisi b'u Rwanda bahawe akaba atari nshya kuri bo kuko banarindaga Perezida Touadera igihe yari ari mu bikorwa byo kwiyamamaza, ubu akaba arindwa n'ingabo z'u Rwanda ziri muri iki gihugu.

Kugeza ubu u Rwanda rufite abapolisi 450 muri Centrafrique, barimo amatsida abiri azwi nka Formed Police Units (FPUs), n'abandi 30 bakora akazi k'ubujyanama, bakanigisha abapolisi ba Centrafrique ibigendanye n'imikorere y'akazi kabo.

Ubufatanye mu kwicungira umutekano bugeze ku ntambwe ishimishije

Mu gihe Polisi y'u Rwanda yitegura kwizihiza isabukuru yayo y'imyaka 16 imaze ibayeho, abafatanyabikorwa bayo biyemeje kurushaho kongera ubufatanye muri gahunda zigamije gukumira no kurwanya ibyaha. Ibi bikaba aribwo buryo buboneye bwo kurushaho kubumbatira ituze n'umutekano by'abanyarwanda.

Mu myaka 16 ishize, Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bafatanyije kurinda umutekano w'abaturage, bakorera hamwe mu matsinda atandukanye agizwe n'inzego z'ibanze ndetse n'abaturage ubwabo muri rusange. Ubu buryo bwo guhuza imbaraga no gukorera hamwe bwafashije abaturage mu gutanga amakuru ku gihe y'ikintu cyose bakeka ko cyahungabanya umutekano, bityo bigatuma Polisi itabara vuba

Abafatanyabikorwa ba Polisi y'u Rwanda mu gukumira ibyaha, bari mu byiciro binyuranye. Twavuga ba ambasaderi ba Polisi y'u Rwanda, urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha,amatsinda yo kurwanya ibyaha mu mashuri atandukanye,abagize komite z'abaturage mu gukumira ibyaha, ndetse n'abagize inzego z'ibanze mu bice binyuranye.

Ubufatanye bw'abafatanyabikorwa ba Polisi niwo nkingi ya mwamba mu kwirindira umutekano.

Ba ambasaderi bose ba Polisi y'u Rwanda bongeye kwerekana ubushake bwabo, ubwo mu kwezi kwa Kamena 2015 basinyiraga gukomeza ubu bufatanye.

Urubyiruko rw'abakorerabushake rurenga ibihumbi 20 rugizwe ahanini n'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na kaminuza ndetse n'abayarangije, biyemeje gufatanya na Polisi y'uRwanda ku bushake bwabo mu gukumira ibyaha ndetse no gufata abanyabyaha.

Nk'uko bitangazwa na Wellars Gasamagera, umuyobozi wa ba ambasaderi ba Polisi y'u Rwanda, abaturage biyemeje kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ibyaha uhereye ku bujura bucuriritse,ukagera ku byaha bikomeye biba byateguwe birimo ubwicanyi, ruswa,ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge,ihohoterwa rishingiye ku gitsina,icuruzwa ry'abantu n'ibindi.

Yakomeje avuga ko abaturage bakorana cyane na Polisi y'u Rwanda mu kuba hagaragazwa hakiri kare ibyaha muri rusange ndetse n'ikindi gishobora kubangamira umutekano n'ituze bya rubanda. Yavuze ko mu Rwanda,abaturage bafite uruhare runini muri ibi bikorwa byose.

Yongeyeho ko abaturage bumvise uruhare rwa Leta, ariko nabo ko hari icyo bakora kijyanye n'ubu bufatanye hagamijwe kugira umutekano usesuye.

Yagize ati:"twebwe nka ba ambasaderi ba Polisi y'u Rwanda ndetse tukaba n'abafatanyabikorwa mu kwicungira umutekano,twiyemeje kugera ku ntego zacu no gukoresha ingufu zishoboka mu buryo bunyuranye, bityo tugatanga umusanzu wacu mu kugira umutekano. Dushyigikiye icyerekezo cya Polisi yacu gishingiye ku kuba abaturage b'u Rwanda babayeho mu mutekano usesuye,bawugizemo uruhare kandi urambye.

Umuyobozi w'umuryango urwanya ruswa n'akarengane mu Rwanda (Transparency international) Rwanda Madame Ingabire Marie Immaculee, nawe akaba ari umufatanyabikorwa mu gukumira ibyaha yashimye ibyo Polisi y'u Rwanda ikora mu kurwanya ibyaha.

Yagize ati:" Polisi y'u Rwanda igeze ku rwego rushimishije mu kugirirwa icyizere n'abaturage. Yegereje ibikorwa na serivisi zayo abaturage ndetse bahabwa ibyo bakeneye ku buryo bwihuse. Muri izi serivisi twavuga ikigo Isange one stop center gifasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'irikorerwa abana. Kibafasha mu buryo bunyuranye no gukemura ibibazo baba bahuye nabyo".

Yakomeje avuga ko anejejwe no kuba Polisi y'u Rwanda itajya yihanganira na rimwe ruswa n'ibindi byaha biyishamikiyeho.

Mu rwego rwo kwegereza serivisi abaturage,Polisi yashyizeho imirongo itishyurwa yo guhamagaraho mu gihe ushaka gutanga amakuru y'ibyaha binyuranye. Iyo mirongo ni 112 ku butabazi bwihutirwa, 116 ku bufasha bugenewe abana, 3512 ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina, 113 ku mutekano wo mu muhanda,997 ku makuru arebana na ruswa ndetse n' 111 ku nkongi z'imiriro no gutabara abari mu kaga.

Iyi mirongo yose ifasha Polisi y'u Rwanda kuganira n'abaturage no kumva ibibazo byabo ndetse bagahabwa serivisi nziza kandi zihuse.

Avuga ku bikorwa by'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha,umwe muri bo witwa Rugengamanzi Steven yavuze ko uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano ari ingenzi mu gukumira ibyaha, hahererekanywa amakuru vuba ndetse hashakwa n'uburyo bwo gukemura ibibazo.

Yagize ati:" nzi ko iyo amakuru ahererekanyijwe vuba,abanyabyaha bafatwa bataragera ku migambi yabo, ibi bikaba binafasha cyane kuko bagezwa imbere y'ubutabera. Ibi rero nibyo bituma twishimira umutekano dufite muri iki gihe".

Ibyo Rugengamanzi avuga byemezwa na raporo iherutse gusohoka yerekana ko u Rwanda ruza ku mwanya wa mbere muri Afurika ndetse no kuwa gatanu ku isi mu bihugu bifite umutekano usesuye

"nzi ko iyo amakuru ahererekanyijwe vuba,abanyabyaha bafatwa bataragera ku migambi yabo, ibi bikaba binafasha cyane kuko bagezwa imbere y'ubutabera. Ibi rero nibyo bituma twishimira umutekano dufite muri iki gihe".

Komeza ku rupapuro rwa 23

Abapolisi n'abakora umwuga w'itangazamakuru bahuguwe ku mutekano w'abanyamakuru n'uburyo bwiza bw'ubufatanye

Kuwa kane tariki ya 21 Mata, ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru, habereye amahugurwa y'iminsi 3 yahuzaga abapolisi na bamwe mu bakora umwuga w'itangazamakuru, bakaba bari barimo guhugurwa ku guteza imbere uburenganzira bwo kuvuga icyo utekereza, umutekano w'abaturage n'umutekano w'abanyamakuru. Aya mahugurwa akaba yari naafite intego yo kureba uko abapolisi n'abanyamakuru barushaho gukorera hamwe hagamijwe kurengera umutekano w'abaturage.

Afungura aya mahugurwa ku mugaragaro, Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda wungirije ushinzwe abakozi n'imiyoborere DIGP Juvénal Marizamunda, yavuze ko imikoranire myiza hagati ya Polisi y'u Rwanda n'itangazamakuru ari inkingi ikomeye mu kubungabunga umutekano w'abanyarwanda, mu iterambere ry'igihugu no kugeza amakuru ku baturage. Akaba yagize ati:"Imikoranire myiza y'itangazamakuru na Polisi y'u Rwanda, ni kimwe mu bintu by'ingenzi bituma izi nzego zombi zizerwa n'abaturage. Ibi bivuze ko twuzuzanya. Polisi nk'urwego rukorana bya hafi n'abaturage, igomba gufata iya mbere mu gukorana n'itangazamakuru bagakorera hamwe ngo umutekano w'abaturage udahungabana."

Yakomeje agira ati:"Kuko abaturage aribo twese dukorera, ntibagomba guhabwa amakuru atariyo, ntibagomba guterwa ubwoba no gukurwa umutima, ahubwo bagomba guhabwa amakuru yizewe no gucungirwa umutekano. Imikoranire y'izi nzego igomba kuba myiza, kugirango abaturage n'ibyabo bicungwe neza ndetse bakagirwa inama y'icyo bagomba kwitaho kugirango bafate ingamba z'ibishobora kubahungabanyiriza umutekano kandi bakagezwaho n'imyanzuro iba yafashwe.'

DIGP Marizamunda yavuze kandi ko izi nzego zombi zigira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu aho yagize ati:"Abanyamakuru ntibakora akazi kabo neza batagakoreye mu mutekano usesuye, kandi gucunga uwo mutekano biri mu nshingano za Polisi. Niyo mpamvu rero tugomba gukorera hamwe tukegera abaturage, kuko tudakoranye nabo, nta terambere bageraho kuko aritwe tugomba kubafasha muri iryo terambere."

Aya mahugurwa yatewe inkunga n'Ishami ry'umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO), Urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) na Ambasade ya Suwede mu Rwanda, akaba yitabiriwe n'abapolisi 45 n'abanyamakuru 30 baturutse mu bitangazamakuru bitandukanye.

Muri ayo mahugurwa, Peter Wallet uhagarariye UNESCO mu karere k'ibiyaga bigari, yabwiye abayitabiriye ati: "Intego ya Polisi y'u Rwanda ni ugutanga Serivisi nziza, gushakira abatuye u Rwanda umutekano usesuye kandi wizewe no gukorana ubunyangamugayo. Turizera ko aya mahugurwa nk'uko azibanda ku burenganzira bwo kuvuga icyo utekereza nk'uburenganzira bw'ibanze bw'ikiremwamuntu, azatuma izi ntego zigerwaho."

Yakomeje agira ati:"Polisi ifite inshingano zo kurinda umutekano w'abatuye igihugu, niyo mpamvu abapolisi n'abanyamakuru bagomba kugira imikoranire myiza, bityo bwa burenganzira bw'ibanze bwa muntu bukagerwaho."

Muri aya mahugurwa, abapolisi n'abanyamakuru baboneyeho umwanya wo kugirana ibiganiro, baganira ku ngingo zimwe na zimwe zirimo uruhare rwa Polisi n'abakora umwuga w'itangazamakuru mu kurengera abaturage, uruhare rwa Polisi mu gufasha abanyamakuru kubona amakuru bakeneye, n'izindi

Umuyobozi w'agateganyo w'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) Barore Cleophas, yavuze ko umutekano w'abanyamakuru ari ngombwa cyane, bikaba ari ngombwa ko inzego zishinzwe umutekano zigomba kwita ku mutekano wabo. Yagize ati:"RMC nk'urwego rwigenzura tuzakora ibishoboka byose ngo imikoranire myiza hagati y'abanyamakuru na Polisi itere imbere."

Aya mahugurwa akaba yaratanzwe n'impuguke yaturutse muri Polisi yo –muri Canada yitwa Ian Lafreniere.

Aya mahugurwa akaba yarasojwe abanyamakuru na Polisi bumvikanye uburyo bw'imikoranire myiza kugirango bakomeze gusenyera umugozi umwe wo guha amakuru no kurengera umutekano w'abanyarwanda n'abarutuye.

"Intego ya Polisi y'u Rwanda ni ugutanga Serivisi nziza, gushakira abatuye u Rwanda umutekano usesuye kandi wizewe no gukorana ubunyangamugayo. Turizera ko aya mahugurwa nk'uko azibanda ku burenganzira bwo kuvuga icyo utekereza nk'uburenganzira bw'ibanze bw'ikiremwamuntu, azatuma izi ntego zigerwaho."

Abapolisi 50 bahuguwe ku gukusanya no kurinda ibimenyetso by'ahabereye icyaha

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi no kongerera ubumenyi abapolisi b'u Rwanda bakora mu ishami ry'ubugenzacyaha, ku itariki ya 13 Mata abapolisi 50 basoje amahugurwa y'umunsi 1, agenewe abapolisi bakuru ku gukusanya no kurinda ibimenyetso by'ahabereye icyaha.

Aya mahugurwa akurikiye andi menshi yahawe abandi bapolisi, akaba yaratanzwe n'impuguke zaturutse muri Polisi y'igihugu cy'Ubudage mu rwego rwo gukomeza umubano Polisi y'Ubudage isanzwe ifitanye na Polisi y'u Rwanda.

Atangiza ayo mahugurwa ku mugaragaro, umuyobozi ushinzwe amahugurwa muri Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP) Jimmy Hodari, yashimye ubufatanye buri hagati ya Polisi y'u Rwanda n'iy'Ubudage, bugaragarira cyane cyane mu guha amahugurwa abapolisi b'u Rwanda, asaba abayitabiriye kuyakurikira neza, bakongera ubumenyi bwabo mu gukusanya no kurinda ibimenyetso by'ahabereye icyaha.

Akaba yagize ati:" Polisi y'u Rwanda n'iy'Ubudage zifitanye umubano w'igihe kirekire, bakaba badufasha cyane cyane mu kurwanya inkongi z'imiriro, umutekano wo mu muhanda, no mu zindi nzego, kandi ubu bufatanye bumaze kubyara umusaruro.

Yakomeje avuga ko gukusanya no kurinda neza ibimenyetso by'ahabereye icyaha , bifasha abagenza icyaha kubona ibimenyetso bihagije, bigafasha gutanga ubutabera.

ACP Hodari yasabye abahuguwe kuzasangiza bagenzi babo n'abo bayobora ubumenyi bazakura muri aya mahugurwa.

Umwe mu batanze amahugurwa Sven Radke, yashimye ubunyamwuga bwa Polisi y'u Rwanda, aho yagize ati:"Ni ubwa mbere ngeze mu Rwanda, ariko natangajwe cyane n'ubunyamwuga bw'abapolisi b'u Rwanda, ukuntu bakora akazi kabo neza, n'uko baha umutekano abanyarwanda n'abasura u Rwanda."

Yakomeje agira ati:"Ndumva ntekanye hano mu Rwanda, kandi uko kumva ntunganye nibyo umuntu wese aba akeneye mu mujyi munini nk'uyu wa Kigali. Hari indi mijyi minini nagiyemo, ukabona nta mutekano ifite... ibi rero biragaragaza intsinzi y'abanyarwanda muri rusange, n'intsinzi ya Polisi y'u Rwanda by'umwihariko."

Kongerera ubushobozi abapolisi b'u Rwanda binyuze mu mahugurwa, ni imwe mu nkingi za Polisi y'u Rwanda.

Tumenye imikorere y' Ishami rya Polisi rikorana na Polisi mpuzamahanga n'ubutwererane, na serivisi riha abanyarwanda

Muri iki gihe, isi yugarijwe n'ibyaha bitandukanye. Ibi byaha kandi ni mpuzamahanga kuko ababikora nta mipaka bagira. Mu rwego rwo guhangana n'ibyaha nk'ibyo rero, Polisi y'u Rwanda yihaye ingamba zo gukorana na za Polisi z'ibindi bihugu binyuze mu muryango wa Polisi Mpuzamahanga (Interpol).

Mu kiganiro twagiranye n'Umuyobozi w' Ishami rya Polisi rikorana na Polisi mpuzamahanga n'ubutwererane muri Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police (ACP) Anthony Kulamba, atubwira imikorere yaryo, akanatubwira serivisi ishami ayoboye ritanga, n'icyo rikorera na wa munyarwanda utuye mu cyaro.

Muri make, mwatubwira imikorere ya Polisi mpuzamahanga ishami ry'u Rwanda, n'uko mukorana n'izindi Polisi z'ibindi bihugu?

Ishami rya Polisi mpuzamahanga n'ubutwererane, ni rimwe mu mashami agize Polisi y'u Rwanda. Muri macye, iri shami rihuza Polisi y'u Rwanda na Polisi z'ibindi bihugu, uyu muryango uhuza Polisi z'ibihugu mpuzamahanga (Interpol) ukaba ugizwe n'ibihugu 190 byo ku isi n'u Rwanda rurimo.

Uku guhuza Polisi y'u Rwanda na Polisi z'ibindi bihugu bishingiye ku gutsura umubano n'ubutwererane hagati ya Polisi y'u Rwanda na Polisi z'ibindi bihugu binyuze mu muryango wa Polisi mpuzamahanga (Interpol) binyuze mu bunyamabanga bukuru bwawo bufite icyicaro cyawo i Lyon mu Bufaransa.

Nakwibutsa ko igitekerezo cyo gushing Polisi mpuzamahanga (Interpol) byavuye ku bibazo byaterwaga n'ibyaha ndengamipaka byakorwaga n'abanyabyaha babikoreraga mu gihugu kimwe bagahungira mu kindi.

Ni muri urwo rwego ibihugu bitandukanye byishyize hamwe bishinga uyu muryango, kugirango ibibazo nk'ibyo bijye bikemurirwamo, hanabeho gufatanya hagati ya Polisi z'ibihugu bitandukanye igihe umunyabyaha yakoze icyaha mu gihugu runaka agahungira mu kindi, iyi mikoranire igatuma afatwa agashyikirizwa ubutabera, haba aho yahungiye cyangwa akagarurwa aho yagikoreye.

Nk'abanyamuryango ba Polisi mpuzamahanga (Interpol), mufite uburyo mukorana bwihuse butuma mufata vuba abanyabyaha baba bashakishwa?

Iyo tuvuze Polisi mpuzamahanga n'ubutwererane, humvikanamo uburyo bwihuse kandi bunoze bw'imikoranire, ntiwarwanya ibyaha by'ikoranabuhanga nawe udakoresha ikoranabuhanga. Niyo mpamvu ubunyamabanga bukuru bwa Polisi mpuzamahanga (Interpol) bwashyizeho uburyo bwo guhanahana amakuru mu bihugu 190 bihuza uyu muryango, bugatuma duhana amakuru mu buryo bwihuse, igihugu umunyacyaha agezemo tugahanahana amakuru agafatwa. Ubu ni uburyo buzwi ku izina rya I-24/7, bisobanuye ko twese ku isi yose, amasaha 24 kuri 24, iminsi 7 kuri 7, tuba duhanahana amakuru.

Dufite uburyo twandikamo imyirondoro y'abanyabyaha n'ibyihebe, tukanagira uburyo tubonamo imodoka zibwe. Muri rusange I-24/7 iha ibihugu byose bya Interpol uburenganzira bwo kubona imyirondoro y'umuntu wese ukekwaho icyaha runaka.

Iryo koranabuhanga rikora gute hano mu Rwanda?

Twe tugitangira kurikoresha twarikoreshaga hano ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda, bigatuma tutarikoresha neza uko twabaga tubishaka. Nibwo twashatse uko twanarikoresha ku mipaka yose y'igihugu. Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda n'ubunyamabanga bukuru bwa Polisi mpuzamahanga (Interpol) baduteye inkunga mu kurigeza ku mipaka hafi ya yose y'u Rwanda no ku kibuga cy'indege cya Kigali.

Twashoboye no kurigeza ku bafatanyabikorwa bacu dufatanya mu gucunga umutekano w'igihugu, harimo Ikigo cy'igihugu gishinzwe abinjira n'abasohoka, Ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro ishami rya gasutamo, ku buryo ubu nabo bashobora gufata imodoka ziba zibwe, n'ubwo twari tubyishoboreye ubwacu, ariko ubu hafatwa izibwe mu mahanga zitarandikishwa hano mu Rwanda kuko duhanahana amakuru n'iri shami rya gasutamo.

Turateganya no kugeza iri koranabuhanga ku ishami ry'u Rwanda rishinzwe gukurikirana abakekwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, n'ubushinjacyaha bukuru bwa Repubulika. Nakubwira ko u Rwanda ruri mu bihugu bike bikoresha neza ubu buryo bw'ikoranabuhanga.

Ikibazo cy'abakekwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi gihagaze gite? Ese uruhare rwa Polisi mpuzamahanga (Interpol) mu kubafata no kubashyikiriza ubutabera ni uruhe?

Muri rusange iyo umuntu akoze icyaha mu gihugu runaka, ubutabera bumukorera dosiye, bugasohora n'impapuro zo kumuta muri yombi zikoherezwa ku isi yose, agashakishwa yafatwa agashyikirizwa ubutabera.

Mu Rwanda rero, intego yacu ya mbere ni ugushakisha abakekwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bagashyikirizwa ubutabera. Kugeza ubu hafi 300 bari barashyizwe ku rutonde rw'abashakishwa, 17 barafashwe bacirwa imanza mu bihugu bafatiwemo, 75 barafashwe boherezwa kuburanira mu rukiko mpuzamahanga

Irakomeza ku Rupapuro rukukirira

mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), abandi 13 boherezwa kuburanira mu Rwanda. Ariko uyu ni umubare muto kuko abandi hafi 500 baracyashakishwa.

Dufite icyizere ko hari igihe ibihugu byose bizashyira bikumva ko gushyikiriza ubutabera abakekwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi ari inshingano zabyo. Ntituzatuza, kugeza igihe ukekwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe abatutsi wa nyuma ashyikirijwe ubutabera.

Tugiye ku zindi nshingano z'ishami mubereye umuyobozi, ikibazo cy'ibyaha ndengamipaka cyo gihagaze gite?

Nk'uko inshingano zacu ari ukubahiriza amategeko, twagize uruhare mu kurwanya ibyaha ndengamipaka byinshi. Urugero, tumaze iminsi duhura n'ibibazo by'imodoka zibwe, icuruzwa ry'abantu, ibyaha by'ikoranabuhanga, icuruzwa ry'ibiyobyabwenge n'ibindi.

Kuva umwaka ushize, tumaze gufata imodoka 11 zari zaribwe mu bihugu bitandukanye zigafatirwa mu Rwanda, harimo izibwe mu Bwongereza, Ubuholandi, ububiligi no mu bihugu byo muri aka karere. Izi zose zasubijwe ba nyirazo, tukaba tukinafite izindi 5 tuzashyikiriza ba nyirazo mu minsi iri imbere.

Ku kibazo cy'icuruzwa ry'abantu, muri 2009 twafashe abantu 53 bari bajvanywe muri Bangladesh, uwari ubajyanye twaramufashe, nabo tubasubiza iwabo. Kuva mu mwaka ushize, tumaze gufata abanyarwanda 30 bari bajyanywe gucuruzwa bagasubizwa mu turere twabo, muri abo 23 bari abakobwa. Tukaba twarafashe abantu 25 bari muri iki gikorwa cyo kubacuruza.

Aba bose bakaba baroherezwaga mu bihugu bya Mozambique, Zambia, South Africa, Uganda, Malaysia, China no mu bihugu byunze ubumwe by'abarabu mu mujyi wa Dubai.

Ni iki gituma mugera ku bikorwa bifatika nk'ibi?

Ibi bigerwaho kubera ubuyobozi bwiza dufite, imikoranire myiza ya Polisi y'u Rwanda na Polisi mpuzamahanga ndetse n'ubutwererane hagati y'amashami ya za Polisi mpuzamahanga z'ibihugu bitandukanye.

Ibi kandi bigerwaho kubera ubufatanye Polisi y'u Rwanda igirana na Polisi zo mu bihugu byaba ibyo muri aka karere ndetse n'ibyo muri Afurika yose no ku yindi migabane y'Isi.

Kugeza ubu, Polisi y'u Rwanda yasinyanye amasezerano y'ubufatanye (MoUs) atandukanye harimo: Polisi mpuzamahanga (International Criminal Police Organization-Interpol); Ishyirahamwe mpuzamahanga ry'abayobozi bakuru ba Polisi (International Association of Chiefs of Police -IACP), Ishyirahamwe rya Polisi Nyafurika -African Police (AfriPol), Umuryango w'Abibumbye-Ishami ryo kubungabunga amahoro (United Nations – Department of Peacekeeping organisation), Ishami ry'umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere (United Nations Development Programme -UNDP), Ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye cyita ku iterambere ry'umugore (United Nations Development Fund for Women-UNIFEM), Umuryango w' abayobozi bakuru ba za Polisi mu bihugu byo burasirazuba bw' Afurika (EAPCCO), Eastern Africa Police Chiefs Cooperation Organization (EAPCCO), Umutwe w'ingabo ushinzwe gutabara aho rukomeye mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba, (Eastern Africa Standby Force-EASF), n' Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba-Umushinga wo guteza imbere umuhora wa ruguru (East African Community Northern Corridor Integration Projects (EAC-NCIP).

Iyi miryango yose mwasinyanye amasezerano y'ubufatanye, ubufatanye bwanyu bwibanda kuki?

Iyi miryango dufatanya muri byinshi, ariko cyane cyane ubufatanye bwacu bugaragarira mu guhanahana amakuru y'abakurikiranyweho ibyaha, gukorana mu kugenza ibyaha, kohereza abapolisi bahagararira ibihugu byabo bafasha mu bikorwa bifitiye inyungu ibihugu byabo, guhanahana abanyabyaha n'ababikekwaho, guhanahana ubunararibonye no gusangiza ubumenyi abapolisi bo muri ibyo bihugu.

None se ni iki umunyarwanda wo hasi mu mudugudu yungukira muri serivisi mutanga?

Hari abanyarwanda benshi mu nzego zose bungukira muri serivisi dutanga; urugero nko mu minsi ya vuba twacyuye umukobwa wari warajyanywe gucuruzwa muri Mozambike avanywe iwabo mu karere ka Karongi. Iyo tugejejweho amakuru ko hari umuntu wabuze, dukoresha izi serivisi dushakisha aho aherereye ndetse no hanze y'imipaka yacu.

Mu rwego rw'ubutabera, dufashe urugero rw'umuntu wabuze abe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, akaba azi igihugu uwabishe aherereyemo, dufite ubushobozi bwo gukorana n'icyo gihugu agashyikirizwa ubutabera bwacyo ndetse byakunda akoherezwa kuburanishirizwa mu Rwanda. Ubwo ni ubutabera buba buhawe Umunyarwanda wagiriwe nabi, bivuze ko Abanyarwanda bungukirira mu byo dukora rero ari byinshi.

Ku birebana n'ibyaha bisanzwe, urugero dufite abakora ubucuruzi hanze y'igihugu, iyo bagiriye ibibazo mu bihugu bakoreramo, tubijyamo kandi tukumvikana na Polisi y'icyo gihugu bakoreramo maze ikabaha ubufasha bushoboka.

Abashakashatsi basuye Polisi y'u Rwanda bishimira imikoranire yayo n'abaturage nyuma ya Jenoside

Abashakashatsi 18 bavuye mu bihugu bitandukanye bari baje mu Rwanda gusura ibigo bitandukanye bifite aho bihuriye n'ubutabera, ku itariki ya 24 Werurwe basuye Polisi y'u Rwanda birebera imikoranire y'ayo n'abaturage nyuma y'uko u Rwanda ruvuye muri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Bageze ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru, bakiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mpuzamahanga (Interpol) muri Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP) Tony Kulamba wari uhagarariye umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, abashimira kuba barahisemo na Polisi y'u Rwanda mu bigo bagomba gusura.

Yabasobanuriye urugendo rwa Polisi y'u Rwanda mu guhuza no gukorana n'abanyarwanda nyuma ya Jenoside aho yagize ati;"Mu 2002 Polisi y'u Rwanda itangira twatangiranye ibibazo bitandukanye cyane cyane ibishingiye kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ariko twabashije kugenda dukorana neza n'abaturage, kugeza ubwo ubu twabaye Polisi y'umwuga ikora neza, yizewe n'abaturage ndetse n'amahanga."

Urugendo rw'aba bashakashatsi bakaba bararufashwagamo na Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye, aho bibandaga ku kwiga ku kubaka no kubumbatira amahoro mu gihugu kivuye mu ntambara n'ibibazo biboneka mu kubaka umuryango nyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Mu biganiro bahawe, Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP) Celestin Twahirwa yabasobanuriye ibibazo u Rwanda rwari rufite muri rusange na Polisi by'umwihariko nyuma ya Jenoside, uko byagiye bikemurwa n'ibimaze kugerwaho ubu.

Akaba yababwiye ati:"Kugirango habeho gukumira no kurwanya ibyaha mu buryo burambye, hagomba kubaho imikoranire hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage ndetse n'itangazamakuru, ibi bigatuma habaho umutekano urambye, demokarasi, amajyambere, ubutabera, uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Kugirango ibi bigerweho, bikaba bisaba amahugurwa kuri izo nzego zose, kugirango zihanahane amakuru kandi zumve kimwe ikibazo cy'umutekano."

Nyuma y'ibi biganiro, uwari uyoboye iri tsinda Dr. Muleefu waturutse muri Kaminuza y'u Rwanda yashimiye Polisi y'u Rwanda uko ihaye aba bashakashatsi ubumenyi ku mibanire y'abaturage nyuma ya Jenoside, anishimira ubutwererane burangwa hagati ya Polisi y'u Rwanda na Kaminuza y'u Rwanda.

"Kugirango habeho gukumira no kurwanya ibyaha mu buryo burambye, hagomba kubaho imikoranire hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage ndetse n'itangazamakuru, ibi bigatuma habaho umutekano urambye, demokarasi, amajyambere, ubutabera, uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Kugirango ibi bigerweho, bikaba bisaba amahugurwa kuri izo nzego zose, kugirango zihanahane amakuru kandi zumve kimwe ikibazo cy'umutekano."

Polisi y'u Rwanda yasubije umunyarwanda imodoka ye yari yaribwe ikajyanwa Uganda

Kuwa gatatu tariki ya 13 Mata, Polisi y'u Rwanda yasubije umugabo w'umunyarwanda witwa Badege Sam imodoka ye yo mu bwoko bwa RAV4 ifite Pulaki RAC 003 E yari yaribwe n'umushoferi we akayijyana Uganda.

Assistant Commissioner of Police (ACP) Tony Kuramba, Umuyobozi wa Polisi Mpuzamahanga n'ubutwererane muri Polisi y'u Rwanda, washyikirije iyi modoka Badege, yavuze ko nyuma y'aho Badege abagerejeho ikibazo cye cy'uko imodoka ye yibwe ikajyanwa muri Uganda, Polisi y'u Rwanda yavuganye na Polisi Mpuzamahanga ya Uganda iyisaba gufasha uyu munyarwanda akabona imodoka ye, aho yagize ati:"Amaze kutugezaho ikibazo cye, akatubwira ko umushoferi yibye imodoka ye akayijyana Uganda, twavuganye na Polisi Mpuzamahanga ya Uganda, tumuha impapuro zisaba ubufasha Polisi ya Uganda, ajyayo nabo baramufasha abona imodoka ye."

ACP Kuramba yakomeje avuga ko iki gikorwa ari icyo kwishimira kuko kigaragaza imikoranire myiza ya Polisi y'u Rwanda na Polisi z'ibindi bihugu. Yagize ati:"Ibi ni ibyo kwishimira, kuko tumaze iminsi dusubiza imodoka zibwe mu mahanga zigafatirwa mu Rwanda, iki ni ikigaragaza ko na Polisi z'amahanga nazo zidufasha iyo tuzisabye ubufasha, haba

mu kurwanya ibyaha nk'ibi by'ubujura bw'imodoka, ndetse n'ibindi byaha ndengamipaka."

Nyuma yo gusubizwa imodoka ye, Badege yashimiye ubushobozi, ubunyamwuga bya Polisi y'u Rwanda ndetse n'umubano mwiza ifitanye na Polisi z'ibindi bihugu, aho yagize ati:"Ndishimye cyane kuko nongeye kubona imodoka yanjye yari imaze hafi amezi 2 ibuze, rwose maze kumenya ko yambutse ikarenga umupaka w'u Rwanda, nahise nta icyizere cyo kongera kuyibona ariko naarje mbibwira Polisi y'u Rwanda impa ubufasha bushoboka bwose kugeza nyibonye. Ndabwira abantu bose ko igihe cyose imodoka zabo zibwe bajya bahita baza kubimenyesha Polisi y'u Rwanda kuko ntayo itagaruza."

Badege yavuze ko kugirango iyi modoka ibure, ari umushoferi we wayibye akayijyana Uganda, yagera Kabalagala agakora impanuka, nyuma aza guhamagara inshuti ye hano mu Rwanda ko yakoze impanuka asaba ubufasha, uyu mugenzi we nawe aza kubwira Badege, ahita amenya irengero ryayo, nawe aza kubimenyesha Polisi y'u Rwanda.

Uyu mushoferi akaba agishakishwa kuko yahise aburirwa irengero

Umutekano ni inkingi ya mwamba y'iterambere rirambye-Umuyobozi w'Intara y'Uburengerazuba

Umuyobozi w'Intara y'Uburengerazuba, Mukandasira Caritas yabwiye abatuye mu karere ka Nyabihu ko umutekano ari inkingi ya mwamba y'iterambere rirambye, bityo abasaba kugira uruhare mu kuwubungabunga.

Ibi yabibakanguriye ku itariki ya 27 Mata mu nama we n'abandi bayobozi b'inzego zitandukanye bagiranye n'abaturage bo mu mirenge ya Jomba, Muringa, Rurembo, Rambura, na Karago muri ako karere.

Mukandasira yabwiye abo baturage ko muri iyo ntara umutekano muri rusange wifashe neza, ariko abasaba kutirara, ahubwo bagakomeza kugira uruhare mu kuwubungabunga, kandi bagaha inzego zibishinzwe amakuru yatuma hakumirwa ikintu gishobora kuwuhungabanya.

Yababwiye ati:"Umutekano uhatse byose kubera ko aho utari nta terambere rirambye rishobora kuhaba. Polisi ntiyabona umupolisi ishyira kuri buri rugo. Ni yo mpamvu uruhare rwa buri wese ari ngombwa kugira ngo dufatanye kuwusigasira."

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda muri iyi ntara, Assistant Commissioner of Police (ACP) Bértin Mutezintare yabwiye abo baturage ati:"Buri wese akwiye kugira uruhare mu kwicungira umutekano kubera ko ingaruka z'ihungabana ryawo zigera ku bantu batari bacye. Murasabwa kwirinda no kurwanya ikintu cyose gishobora kubangamira ituze ryanyu ndetse n'iry'abandi muri rusange."

Yakomeje agira ati:"Kudakora neza amarondo ni uguha icyuho umuntu ushaka gukora ibyaha. Mukwiye kuyakora neza, kandi nimugira umuntu mubona mu midugudu yanyu mukamugiraho amakenga, mujye mubimenyesha inzego zibishinzwe kugira ngo zikurikirane ibye mu maguru mashya."

ACP Mutezintare yakomeje abwira abo baturage ati:"Mukora ibikorwa bibateza imbere kubera ko mu gihugu hari umutekano usesuye, ikindi tubasaba ni ukudahishira umuntu ushaka kuwuhungabanya; kabone niyo yaba ari umuvandimwe cyangwa inshuti yanyu kubera ko ubikoze aba abaye umufatanyacyaha. "

Yasoje abasaba kwirinda ibyaha aho biva bikagera, kandi bagaha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zibishinzwe amakuru yatuma bikumirwa, kandi yatuma hafatwa ababikoze ndetse n'abafite imigambi yo kubikora.

Abandi bari muri iyo nama bakanguriye kwirinda ikibi no kugira uruhare mu kukirwanya harimo Umuyobozi w'Ingabo muri iyi ntara, Maj. Gen. Mubaraka Muganga, n'umuyobozi w'aka karere Uwanzwenuwe Theoneste.

Abashinzwe kurwanya ruswa muri Burkina Faso baje kwigira kuri Polisi y'u Rwanda uko bayirwanya

Mu ruzinduko bari barimo kugirira mu Rwanda mu minsi ishize, itsinda rigizwe n'abantu 6 bagize komisiyo yo kurwanya ruswa mu gihugu cya Burkina Faso baboneyeho umwanya wo gusura Polisi y'u Rwanda ngo ibasangize ku bunararibonye bwa Polisi y'u Rwanda by'umwihariko na Leta y'u Rwanda muri rusange mu gukumira no kurwanya ibyaha ariko cyane cyane icya ruswa n'ibijyanye no kwigwizaho imitungo.

Nyuma y'ikiganiro bagiranye n'umuyobozi w'Ishami ry'ubugenzacyaha muri Polisi y'u Rwanda kuwa gatatu tariki ya 20 Mata, Assistant Commissioner of Police (ACP) Theos Badege ari kumwe n'Umuvugizi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, ACP Celestin Twahirwa n'abandi bayobozi muri Polisi y'u Rwanda, uwari uyoboye iri tsinda, Dr Luc Marius Ibriga yavuze ko bazanywe n'urugendo rw'akazi, bakaba basuye Polisi y'u Rwanda mu rwego rwo kuyigiraho, aho yagize ati:" Nyuma yo kumva ubunararibonye u Rwanda rufite ndetse n'ibyo rwagezeho muri gahunda yo gukumira no kurwanya ibyaha cyane cyane icya ruswa n'ibijyanye no kwigwizaho umutungo, twaje kugirango mudusangize ubwo bumenyi n'ubunararibonye kugirango tuzabyifashishe no mu gihugu cyacu."

Dr Marius yakomeje avuga ko, akurikije ibyo babwiwe n'imikorere yasanze muri Polisi y'u Rwanda mu bijyanye no gukurikirana no guhana abapolisi baba bagaragayeho ruswa n'ibijyanye nayo, yasanze bikorwa ku buryo budasanzwe

; aha akaba yagize ati:"Igenzura n'ikurikirana ry'abapolisi baba bakekwaho ruswa no kwigwizaho umutungo muri Polisi y'u Rwanda, rikorwa n'abantu bafite ubwisanzure kuko bahabwa ubushobozi bwo kugenzura n'ababakuriye mu gipolisi."

Yarangije agira ati:"Twasanze gahunda iriho yo guhanahana amakuru hagati ya Polisi n'abaturage ndetse n'izindi nzego ari ishingiro ry'ibyo mwagezeho kandi biragaragara ko abaturage babafitiye icyizere. Urwego rw'imyumvire ya ruswa mu gihugu cy'u Rwanda ruri hejuru, umuco wo kwanga no kutitabira ruswa muri iki gihugu warafashe, bihabanye no mu gihugu cyacu. Ibi byose biratwereka ko ihame ry'igihugu kigendera ku mategeko ryubahirizwa hano mu Rwanda, bityo natwe akaba aribyo tugiye gukora mu gihugu cyacu."

ACP Theos Badege, mu kiganiro yabahaye, yabagaragarije uburyo butandukanye Polisi y'u Rwanda ikoresha mu kurwanya ruswa no kwigwizaho umutungo, haba ku bapolisi ny'ir'izina ndetse no ku bandi baturage, ibi akaba yavuze ko bikorwa ku bufatanye n'izindi nzego bireba, haba Ubushinjacyaha, Urwego rw'Umuvunyi, Minisiteri y'Ubutabera, n'Urwego rw'Ubugenzuzi bukuru bw'imari ya Leta n'izindi..

ACP Badege yagize ati:"Twashyizeho ingamba ziteza imbere imibereho myiza y'abapolisi, haba ku kazi no mu miryango yabo, kandi dukomeza kubahugura no kubaha ubumenyi mu gukurikirana ibyaha bya ruswa ndetse no kuzamura urwego rwabo rw'ubunyamwuga."

Yongeyeho ko Polisi y'u Rwanda ikomeza gukora ibishoboka mu gutahura ruswa ndetse no kwigisha abaturage ibibi byayo, aho yagize ati:" Ruswa izakomeza kuba umuziro mu Rwanda kandi umupolisi wese uyifatiwemo akurikiranwa n'amategeko ayihana nk'abandi baturage bose."

Umukuru w'Ubugenzacyaha muri Polisi y'u Rwanda yabwiye iri tsinda kandi ko, uretse ishami rikurikirana imyitwarire y'abapolisi ari naryo ryita ku bafatiwe muri ruswa, Polisi yashyizeho n'irindi rishinzwe kurwanya ruswa riri mu bugenzacyaha, rifite abapolisi bahugukiwe mu kugenza ibyaha nk'ibi.

ACP Badege, nyuma yo gutanga ikiganiro kirambuye ku buryo butandukanye Polisi y'u Rwanda ikoresha mu kurwanya ruswa no kwigwizaho umutungo n'uburyo ikorana n'izindi nzego zifite aho zihuriye n'ibyo bikorwa, yarangije agira ati:"Ndabashimira ko mwahisemo gusura Polisi y'u Rwanda ndetse n'ikindi gihe muzakenera kugira ibyo muyigiraho muhawe ikaze ."

Polisi n'abamotari bavuguruye ubufatanye mu kurwanya ibyaha

Ku italiki 26 Werurwe, Polisi y'u Rwanda yagiranye inama n'abamotari bakorera mu Mujyi wa Kigali aho basubiriyemo hamwe ingamba z'ubufatanye mu gukumira no kurwanya ibyaha mu gace bakoreramo.

Iyo nama yabereye kuri sitade ya Kicukiro ikayoborwa n'umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda Commissioner of Police (CP) Cyprien Gatete, yabwiye abo bamotari ko uruhare rwabo mu kurwanya ibyaha rukwiye kugaragara kuko bahura n'umubare munini w'abaturage kandi batandukanye, ibi bikabahesha ubushobozi bwo kumenya umugizi wa nabi wese mbere y'uko akora ikibi.

CP Gatete yagize ati:" Dushima akazi mukora na serivisi muha abanyarwanda, cyane cyane mu gufatanya mu by'umutekano, ariko mugomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubunyamwuga n' isuku kandi igihe cyose."

Yagarutse ku mutekano wo mu muhanda maze avuga ko hari abamotari bamwe na bamwe batubaha amategeko y'umuhanda bikabaviramo guteza impanuka za hato na hato.

Aha yagize ati:" Abenshi muri mwe baracyari bato, abandi bafite imiryango, nta mpamvu rero yo kwitwara nk'aho ubuzima buzarangira ejo, twifuza ko mugira ubuzima kuko hari byinshi igihugu n'imiryango yanyu babatezeho."

Imibare ituruka mu ishami rya Polisi rishinzwe umutekano wo mu muhanda igaragaza ko guhera muri Mutarama 2016, habaye impanuka 229 za moto, zahitanye abantu 16 abandi 74 bagakomereka.

Ku kibazo kirebana n'ubujura bwa moto, CP Gatete yabasabye iteka gushyira ibimenyetso kuri moto zabo, aho yagize ati:" Hari izo dufata ariko naba nyirazo bakabura ibimenyetso bigaragaza ko ari izabo, uretse kugira impapuro za moto, hakwiye kubaho n'ibindi bimenyetso."

Bwana Ntaganzwa Celestin, umuyobozi w'impuzamashyirahamwe y'abatwara abagenzi kuri moto mu Rwanda (FERWACOTAMO), yavuze ko kuva iyi mpuzamashyirahamwe yashingwa mu mwaka wa 2009 bamaze kugera kuri byinshi.

Yagize ati:" Ntidukwiye kureka ibyo twagezeho ngo byangirike, tugomba kubirinda, niyo mpamvu uruhare rwacu ari ngombwa mu kurwanya ibyaha. Tuzi bamwe muri bagenzi bacu bakora ubujura, tugomba kubatanga mu nzego zibishinzwe."

Yongeyeho ko hari ikoranabuhanga rishya batangiye gukoresha ry'utwuma(GPS) bashyira muri moto twifashishwa mu kuyishakisha igihe yibwe .

Abamotari bari bitabiriye iyi nama nabo, bavuze ko hari bagenzi babo bazi mu bikorwa bibi, bakaba biyemeje kuzagira uruhare mu ifatwa ryabo.

Iyi nama kandi yari yitabiriwe n'umuyobozi w'ishami rishinzwe ubufatanye n'abaturage mu gukumira no kurwanya ibyaha (community policing) Assistant Commissioner of Police (ACP) Damas Gatare, umuyobozi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, Assistant Commissioner of Police (ACP) Felly Rutagerura, umuyobozi wungirije w'ishami rishinzwe umutekano wo mu muhanda, Chief Superintendent of Police (CSP), Paul Gatambira n'umuyobozi wungirije w'akarere ka Kicukiro ushinzwe imibereho y'abaturage, Bayingana Emmanuel.

> ***Dushima akazi mukora na serivisi muha abanyarwanda, cyane cyane mu gufatanya mu by'umutekano, ariko mugomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubunyamwuga n' isuku kandi igihe cyose."***

Ngoma: Abatwara abagenzi kuri moto no ku magare biyemeje kugira uruhare mu gukumira ibyaha

Polisi y'u Rwanda ikorera mu karere ka Ngoma yakoranye inama n'abatwara abagenzi kuri moto no ku magare bagera ku 3600 ibakangurira kwirinda ibyaha no kugira uruhare mu kubirwanya.

Ibi byasabwe kandi byemerwa n'abakorera uyu mwuga mu mirenge ya Kibungo, Sake, na Rukira.

Abo mu murenge wa Kibungo babikanguriwe n'umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda muri aka karere, Senior Superintendent of Police (SSP) Janvier Mutaganda, ubu butumwa akaba yarabubahereye ku kibuga cy'umupira w'amaguru cya Cyasemakamba.

SSP Mutaganda yasabye abo batwara abagenzi kuri moto no ku magare kwirinda no kurwanya ibiyobyabwenge by'ubwoko bwose, kandi bakubahiriza amategeko agenga umwuga wabo kugira ngo birinde gukora cyangwa guteza impanuka zo mu muhanda.

Yababwiye ati:"Mu bakiriya banyu hashobora kubamo abanyabyaha. Murasabwa kugira amakenga buri gihe kugira ngo mudatwara abantu bagiye gukora ibyaha cyangwa batwaye ibintu bitemewe n'amategeko."

Yasabye abo bamotari kubahiriza ibyapa byo ku muhanda, kudatwara imitwaro kuri moto, kutayitwaraho umugenzi urenze umwe, kuyitwara ku muvuduko wagenwe, kwambara ingofero yabugenewe igihe cyose batwaye moto, kandi bagahaguruka ari uko umugenzi batwaye na we amaze kuyambara.

SSP Mutaganda yakomeje ababwira ati:"Gutangira amakuru ku gihe bituma inzego zibishinzwe zimenya ko hari abantu bafite imigambi yo gukora ibikorwa binyuranije n'amategeko, hanyuma zigafata ingamba zo kubikumira, kandi haba hari abamaze kubikora zikabafata batararenga umutaru."

Yabwiye kandi abo bakora uyu mwuga wo gutwara abagenzi ati:"Kubahiriza amategeko y'umwuga wanyu biri mu nyungu zanyu n'abandi bakoresha umuhanda muri rusange kubera ko impanuka ishobora namwe kubakomeretsa cyangwa ikabahitana."

Umwe muri abo bamotari witwa Ntakirutimana Ramadhan yabwiye bagenzi be ati:" Tugomba kugira uruhare mu gukumira ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano. Mwibuke ko umutekano usesuye dufite mu gihugu cyacu ari wo utuma dukora umwuga wacu nta nkomyi."

Yashimye Polisi y'u Rwanda muri aka karere ku nama yabagiriye kandi ayizeza ko bazazikurikiza.

Yatangajwe no guta ivarisi ye ku kibuga cy'indege cya Kigali, asubiyeyo arayihasanga

"Navuye ku kibuga cy'indege ndinda ngera kuri hoteli ntazi ko ivarisi idahari."

Umukozi wo mu biro Bikuru by'umuryango wa Afurika y'uburasirazuba (EAC) bihereye Arusha, yatangajwe bikomeye no guta ivarisi ye ku kibuga cy'indege cya Kigali i Kanombe mu gicuku, yasubirayo akayibonana n'ibyarimo byose.

Ku itariki ya 11 Gicurasi nibwo Aloysius Chebet umuyobozi w'ishami rishinzwe uburezi mu Biro by'Ubunyamabanga bukuru bwa EAC, yaje mu muhango wo guhemba abanyeshuri babaye aba mbere ku rwego rw'igihugu mu irushanwa ryo kwandika imivugo ku mahoro muri EAC.

Yageze i Kanombe ku Kibuga saa tatu z'ijoro, maze umushoferi wari umutegereje ngo amugeze kuri hoteli yagombaga kuraramo amwinjiriza ibintu mu modoka, yibagirwa gushyiramo ivarisi yarimo ibintu byinshi harimo n'amafaranga kandi idafunze.

Ati "Navuye ku kibuga cy'indege ndinda ngera kuri hoteli ntazi ko ivarisi idahari."

Avuga ko bwo umushoferi yarimo amufasha gukuramo ibyo yazanye, ni bwo yabonye ko ivarisi ye yarimo ibintu byinshi yasigaye.

Ngo ubwo umushoferi yamusabaga gusubirayo kubizana, Chebet we nta cyizere na gito yari afite cyo kubibona.

Akimara kugerayo akavuga ko yibagiwe ivarisi, yahise arangirwa aho abapolisi bayimubikiye bari, maze abona ivarisi ye nta kintu na kimwe kiburamo, kandi ayihabwa ku buntu.

Uko byagenze, akimara kwibagirirwa ivarisi ye ku kibuga cy'indege, abandi bashoferi barayifashe bayishyikiriza abapolisi kugira ngo igire umutekano wayo, ndetse na nyirayo ashakishwe.

Avuga ko ibi byerekana ubunyangamugayo bw'Abanyarwanda, ngo kandi ibi ntibyari gushoboka iyo iki gihugu kiba kidafite abayobozi bemera kandi b'inyangamugayo.

Aloysius Chebet umuyobozi w'ishami rishinzwe uburezi mu Biro by'Ubunyamabanga bukuru bwa EAC

Ubufatanye mu kwicungira umutekano bugeze ku ntambwe ishimishije

aho umuntu agenda nijoro ku buryo nta kibazo na kimwe yahura nacyo.

Mu mwaka w'2014/2015 u Rwanda rwabaye urwa mbere muri Afurika ndetse n'urwa 21 ku isi rufite amanota 5.8 kuri 7, aho abaturage bari bafitiye icyizere serivisi bahabwa na Polisi ndetse bakazigiramo uruhare mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko.

Ku rwego rw'igihugu,ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere myiza,giherutse gushyira ahagaragara ubushakashatsi bwacyo buvuga ko abaturage 97.4 ku ijana bafitiye icyizere Polisi y'u Rwanda.

Umuyobozi w'ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe imikoranire n'ubufatanye bwa Polisi , abaturage n'izindi nzego mu gukumira no kurwanya ibyaha, Assistant Commissione of Police (ACP) Damas Gatare, yavuze ko ubufatanye mu gukumira no kurwanya ibyaha biri mu murongo n'icyerekezo Polisi y'u Rwanda yihaye.

Yagize ati:" Turashima uruhare rw'abafatanyabikorwa bacu kandi turabasaba kwitabira gahunda ziri imbere z'ubukangurambaga butandukanye mu rwego rwo kwizihiza isabukuru y'imyaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze .Ibi bikorwa byose bikazasozwa ku munsi nyir'izina wokwizihiza imyaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze igiyeho uzaba ku itariki ya 16 Kamena."

I"nzi ko iyo amakuru ahererekanyijwe vuba,abanyabyaha bafatwa bataragera ku migambi yabo, ibi bikaba binafasha cyane kuko bagezwa imbere y'ubutabera. Ibi rero nibyo bituma twishimira umutekano dufite muri iki gihe".

Guverineri Bosenibamwe arasaba abaturage b'Intara ayoboye kugira umutekano uwabo

Umuyobozi w'Intara y'Amajyaruguru, Bosenibamwe Aimé yahamagariye abaturage bo muri iyi Ntara kwita ku mutekano w'aho batuye barwanya ibyaha iyo biva bikagera aho yagize ati:" Mubigize ibyanyu byabafasha gukumira ibyaha."

Ibi yabivuze ubwo yagiranaga inama n'abaturage b'uturere twa Musanze na Burera mu bihe bitandukanye ku italiki ya 12 Gicurasi .

Izi nama z'umutekano zombi zitabiriwe n'inzego zishinzwe umutekano, abayobozi b'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa ba Polisi mu kurwanya ibyaha.

Mu kiganiro yahaye ibihumbi by'abaturage b'umurenge wa Kimonyi mu karere ka Musanze, Bwana Bosenibamwe yagize ati:"umutekano utagizwemo uruhare rugaragara n'abaturage ntabwo ushobora kugerwaho."

Bosenibamwe yagize kandi ati:" Inyigisho za kominiti polisingi zatumye mugera ku rwego rwo kumenya no gutanga amakuru ku banyabyaha no ku bindi binyuranyije n'amategeko. Abanyabyaha murabana, bari mu miryango yanyu kandi murabazi ."

Yakomeje agira ati:" Ntimukabahishire kuko uwo mubikorera ahemukira undi ku ruhande, mukwiye gutekereza.... N'iyo uwo mugizi wa nabi ari umuturanyi wawe, biba biganisha ko nawe uzabirenganiramo."

Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge , ihohoterwa ryo mu ngo, ubujura, gukubita no gukomeretsa nibyo bikomeje kugaragara mu Ntara y'Amajyaruguru cyane muri Burera, Gicumbi na Musanze.

Yagize ati:" Igihe cyose ubonye ikintu kinyuranyije n'amategeko , ihutire kubimenyesha Polisi kuko itumanaho n'inzego z'umutekano zorohejwe, rero muharanire kwiteza imbere."

Polisi y'u Rwanda yashyizeho imirongo 9 wahamagaraho: 110 ku bibazo byo mu mazi, 3511 ku makosa y'umupolisi, 3512 ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina, 113 ku mpanuka zo mu muhanda, 112 ku kibazo cyose cyihutirwa, 111 ku nkongi, 997 ku bya ruswa, 116 ku gutabara abana na 3029 ku bya Isange.

Inama yari yitabiriwe kandi n'abandi bayobozi b'Intara, abayobozi b'uturere n'abandi bayobozi b'ibanze muri utu turere, abayobozi ba Polisi muri utu turere ndetse n'abayobora izindi nzego zishinzwe umutekano muri iyi Ntara.

Hagati aho kandi, Polisi n'ubuyobozi bw'ibanze mu turere twa Rwamagana, Kamonyi, Nyabihu, Nyanza, Huye na Ngoma nabo babonanye n'abaturage, abamotari, abanyonzi , abagize CPC n'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira no kurwanya ibyaha, aho Polisi yabakanguriye kwirinda ibyaha bitandukanye no kubahiriza amategeko y'umuhanda.

Ishami rishinzwe kurwanya magendu ryakajije umurego ari na ko rigaruza amafaranga yenda kunyerezwa

Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe kurwanya magendu (Revenue Protection Department -RPD) ryafashe ibicuruzwa bitandukanye bya magendu; maze ribasha kugaruza amafaranga y'u Rwanda menshi yari agiye kunyerezwa.

Imibare itangazwa n'iri shami ryunganira Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'amahoro (Rwanda Revenue Authority -RRA) yerekana ko kuva muri Nyakanga umwaka ushize kugeza magingo aya, ryafashe ibicuruzwa bya magendu bitandukanye ku buryo iyo bitaza gufatwa haba haranyerejwe miriyari imwe na miriyoni 300 y'amafaranga y'u Rwanda.

Iri shami rigaragaza ko magendu yagabanutse ku buryo bugaragara mu mezi y'Ugushyingo n'Ukuboza umwaka ushize, aho mu Ugushyingo ryagaruje miriyoni 191 z'amafaranga y'u Rwanda yari agiye kunyerezwa kubera magendu , naho mu kwezi kwakurikiyeho rikaba ryaragaruje izigera ku 101.

Muri Werurwe uyu mwaka, iri shami ryafashe umugabo witwa Musa Mbarushimana agerageza kunyereza imisoro ingana na miriyoni 881 z'amafaranga y'u Rwanda akoresheje imashini ikoreshwa mu itangwa ry'inyemezabuguzi n'imenyekanishamusoro (Electronic Billing Machine-EBM).

Mu 2012 na 2013, Mbarushimana yandikishije Ibigo bibiri ari byo Darko Limited na Eurobai Limited, ndetse ahabwa imashini ebyiri zo gukoresha mu itangwa ry'inyemezabuguzi, ariko mu by'ukuri ibyo bigo ntibyigeze bibaho, ahubwo kuva mu 2013 yatangaga inyemezabuguzi z'ibicuruzwa atagurishije.

Muri ibyo bikorwa, Mbarushimana yungukaga rimwe ku ijana ku mafaranga yabaga yanditse kuri buri nyemezabuguzi yabaga yatanze, ibi akaba yarabikoze kugeza ubwo yafatwaga amaze gutanga izihwanye n'ariya mafaranga.

Mbarushimana yagurishaga izo nyemezabuguzi abacuruzi bashaka kugabanya umusoro ku nyongeragaciro ku

buryo bitazaga korohera Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'amahoro kumutahura. Rimwe na rimwe yakoraga iherererekanya rya baringa ry'amafaranga hagati y'ibyo bigo bye byombi kugira ngo akomeze kunyereza imisoro.

Mu kiganiro n'Umuyobozi w'iri shami, Chief Superintendent of Police (CSP) Sam Bugingo yagize ati:"Intego yacu ni ukurushaho kurwanya magendu, ariko tukanigisha abaturarwanda akamaro ko gutanga umusoro. Abasoreshwa na bo bakwiye kumenya ko iyo batanze umusoro; kandi bakawutangira ku gihe; baba bagize uruhare mu kwiyubakira igihugu, kandi inyungu zabyo na bo zibageraho."

CSP Bugingo yavuze ko kugira ngo iri shami abereye umuyobozi ribashe kugaruza ariya mafaranga ribikesha imikoranire myiza n'abaturage basobanukiwe akamaro ko gusora, aho barihaye amakuru y'abanyereje imisoro.

Muri Werurwe umwaka ushize, aho iri shami rikorera hari amakarito 2022 y'inzoga yitwa Tiger Gin n'amakarito 640 y'iyitwa Gorilla Gin, izo nzoga zikaba zarafashwe kubera ko ibirango bigaragaza ko zasorewe byari ibyiganano.

Asobanura ibyo iri shami rikora, CSP Bugingo yagize ati:" Mu byo dushinzwe, harimo kugenzura ko ibicuruzwa byinjijwe mu gihugu byasorewe. Abakora magendu bakoresha amayeri menshi; ariko kubera ingamba twashyizeho ; tubasha kubafata,maze bagasora."

Yavuze ko amwe mu mayeri yabo harimo kubeshya igiciro cy'ibicuruzwa baranguye kugira ngo basore amafaranga make, no kugaragaza ibicuruzwa bike ugereranije n'ibyo baranguye.

CSP Bugingo yakomeje agira ati:"Ibicuruzwa bya magendu bijya bifatwa byiganjemo ibiribwa, ibinyobwa, n'imyenda. Turasaba abantu kutanyereza imisoro kuko bihanwa n'amategeko mu Rwanda, ariko na none umuntu uzabikora amenye ko azafatwa nta kabuza."

Ibi yabivuze ashingiye ku ngingo ya 369 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko umuntu uhamwe n'icyaha cyo kunyereza imisoro ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu ihwanye n'umusoro yanyereje.

Iyi ngingo ikomeza ivuga ko iyo umusoreshwa yakoze iryo nyereza abigambiriye, nko gukoresha ibaruramari rikosheje, impapuro z'impimbano cyangwa ikindi gikorwa gisanzwe gihanwa n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu ihwanye n'umusoro yanyereje.

CSP Bugingo yagize na none ati:"Ipererereza ryimbitse kandi rikozwe kinyamwuga ni ryo rituma dufata abanyereje imisoro; hanyuma bakayiriha hakurikijwe ibyo amategeko ateganya. Buri kwezi abafashwe bayinyereje bashyikirizwa inkiko. Ibi bikaba biri mu bica intege abafite imigambi yo gukora iki cyaha."

Yakomeje agira ati:"Iyo dufashe magendu, duhita tumenyesha Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'amahoro, hanyuma kigaca ihazabu abayifatanywe bashakaga kunyereza imisoro."

Yasoje asaba buri wese kwirinda magendu, kandi akagira uruhare mu kuyirwanya atanga amakuru y'abanyereje imisoro cyangwa abafite imigambi yo kubikora.

Umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi muri UNMISS yasuye abapolisi b'u Rwanda

Ushinzwe ibikorwa bya Polisi mu butumwa bw'amahoro bwa Loni muri Sudani y'Epfo UNMISS, Commissioner of Police (CP) Emmanuel Butera, yaganiriye n'abapolisi b'u Rwanda bari muri ubwo butumwa, abakangurira gukomeza kugirana imikoranire myiza n'inzego zishinzwe umutekano zo muri kiriya gihugu ndetse n'abapolisi bagenzi babo, bahanahana amakuru kugira ngo bakomeze kubungabunga umutekano no gukumira ibyawuhungabanya cyane cyane mu nkambi z'impunzi z'imbere mu gihugu.

CP Butera yabibabwiye ubwo yari yasuye umutwe w'abapolisi b'u Rwanda ushinzwe kurinda abayobozi n'ibikorwaremezo(RWAFPU) aho ukorera muri Malakal, aho yabasabye kugaragaza disiplini no kwitanga mu nshingano bahafite.

CP Butera yagize ati:" Igihugu cyacu cyadutumye kuzuza inshingano neza, nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ahora abitwibutsa, tugomba kurangwa n'ubushake,ubunyamwuga kuko aribyo bituma dutanga umusaruro."

Yakomeje ababwira ko, igihe Umukuru w'igihugu yasuraga icyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda yasabye abapolisi kurangwa n'umurimo unoze no kugira uruhare mu guteza imbere imibereho y'abaturage.

Umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi muri UNMISS mu ruzinduko rwe, yari aherekejwe n'umuyobozi w'abapolisi b'u Rwanda muri Sudani y'Epfo, Assistant Commissioner of Police (ACP) Rogers Rutikanga n'umuhuzabikorwa byo kurinda avasivili , ACP Alan Sangoroh.

Nyuma gato, CP Butera yahuye n'abapolisi bakora nk'abajyanama muri ubu butumwa(UNPOL) bava mu bihugu bitandukanye, aho yabaganirije ku mikorere isanzwe y'akazi no kuzuza inshingano zabo; aha akaba yabasabye gukorera hamwe kandi asaba buri wese gusangiza bagenzi be ubunararibonye mu kazi kugira ngo bakemure ibibazo by'impunzi.

Umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi muri UNMISS yagiriye inama abo bapolisi ko , buri gihe bakorana n'abaturage baho hagamijwe kongera umutekano w'abasivili bari mu nkambi zitandukanye mu gihugu imbere.

Kuri ubu, Polisi y'u Rwanda ifite abapolisi bagera ku gihumbi barimo gukorera mu bihugu birindwi bitandukanye.

Abayoboke b'idini ya Isilamu bo mu karere ka Ruhango bakanguriwe kugira uruhare mu kubumbatira umutekano

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu ntara y'Amajyepfo, Assistant Commissioner of Police (ACP) Francis Nkwaya yasabye abayoboke b'idini ya Isilamu barenga 250 bo mu murenge wa Ruhango, ho mu karere ka Ruhango kugira uruhare mu gusigasira umutekano.

Ibi yabibasabiye mu nama yagiranye na bo mu kagari ka Nyamagana ku itariki 16 Gicurasi.

ACP Nkwaya yababwiye ati:" Umutekano ni ishingiro rya byose. Musenga mu mahoro asesuye kubera ko hari umutekano mu gihugu. Mukwiye kwirinda no kugira uruhare mu kurwanya ikintu cyose gishobora kuwuhungabanya."

Yakomeje ababwira ati:"Murasabwa kuba abagabo n'abagore b'intwari, barangwa n'indangagaciro za kirazira, banga ikibi aho kiva kikagera, kandi barwanya ikintu cyose gishobora guhungabanya ituze rya rubanda muri rusange."

ACP Nkwaya yabasabye kujya baha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zibishinzwe amakuru ku gihe yatuma hakumirwa ibyaha, ndetse yanatuma hafatwa abamaze kubikora cyangwa abari gucura imigambi yo kubikora.

Yabasobanuriye ko hari abantu bifashisha ikoranabuhanga mu gukora ibyaha birimo ibyambukiranya imipaka nk'iterabwoba, maze abasaba kubyirinda.

Abo bayoboke b'iri dini biyemeje kwirinda ikibi aho kiva kikagera no kugira uruhare mu kukirwanya nk'umusanzu wabo mu kwicungira umutekano.

Mu ijambo rye, Umuyobozi wabo muri aka karere, Sheikh Ntawukuriryayo Ismaël yagize ati:"Tunejejwe cyane n'inama twagiriwe n'abayobozi b'inzego z'umutekano, kandi tubijeje ubufatanye mu gusigasira umutekano; wo utuma dusenga nta nkomyi iyo ari yo yose."

Yavuze ko ubutumwa bahawe bazabugeza kuri bagenzi babo bo mu bindi bice kugira ngo bagire imyumvire imwe mu bijyanye n'uruhare rwabo mu kwicungira umutekano.

Yakomeje ababwira ati:"Murasabwa kuba abagabo n'abagore b'intwari, barangwa n'indangagaciro na kirazira, banga ikibi aho kiva kikagera, kandi barwanya ikintu cyose gishobora guhungabanya ituze rya rubanda muri rusange."

Nyagatare: Abaturage bakanguriwe kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'iry' abana

Abaturage bo mu kagari ka Tabagwe, mu murenge wa Nyagatare, ho mu karere ka Nyagatare, bakanguriwe kwirinda no kugira uruhare mu kurwanya ibyaha birimo icuruzwa ry'abantu, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iryo mu ngo, n'irikorerwa abana.

Ibi babikanguriwe ku itariki 10 Gicurasi mu kiganiro bagiranye na Chief Inspector of Police (CIP) Hubert Rutaro na Inspector of Police (IP) Viviane Umulisa, bakaba bakora mu Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubugenzacyaha (Criminal Investigation Department-CID).

Ubu butumwa babuhereye abo baturage mu gikorwa cyo kubegereza serivisi hakoreshejwe imodoka irimo ibiro bikorwamo n'abapolisi ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bayo.

Ababikoramo iyo bamaze kwakira ibibazo by'abaturage, babasobanurira ko iby'inshinjabyaha bizakurikiranwa na Polisi y'u Rwanda; naho iby'imbonezamubano bizagezwa ku zindi nzego zishinzwe kubikurikirana.

Avuga ku icuruzwa ry'abantu, CIP Rutaro yabwiye abo baturage ko abakora iki cyaha bibasira urubyiruko, aho bizeza abo bashaka

kujya gucuruza ko bazabaha cyangwa bakabashakira amashuri n'akazi keza mu bindi bihugu.

Yakomeje ababwira ko iyo babagejeje iyo babajyana babaka ibyangombwa byose, hanyuma bakabakoresha imirimo ivunanye kandi nta gihembo, ndetse bakabashora mu bikorwa by'urukozasoni nk'ubusambanyi.

CIP Rutaro yabwiye urubyiruko rwari aho ati:"Nta gihe mukwiye guha umuntu nk'uwo kuko nta cyiza kiba kimugenza, ahubwo nihagira ubizeza ibyo bitangaza, muzahite mubimenyesha Polisi y'u Rwanda."

IP Umulisa yabasobanuriye ko ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina harimo ibikorwa hagati y'abashakanye nko guhoza undi ku nkeke, kumutoteza, no kumubuza uburenganzira ku mutungo.

Yababwiye ati:"Nubwo hakorwa byinshi mu kurwanya ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iryo mu ngo, n'irikorerwa abana; haracyari abantu bakibikora. Ni yo mpamvu Polisi y'u Rwanda ibasaba kubyirinda no kuba abafatanyabikorwa bayo mu kubirwanya."

Yasobanuriye abo baturage ko guhohotera abana harimo kubaha ibihano biremereye, kubakubita ,kubavana mu ishuri cyangwa kutabaha ibyangombwa nkenerwa ku baririmo, kubakoresha imirimo ivunanye, kubatuka, kubasambanya, kubata, kutabandikisha bavutse, gukuramo inda, kubica , no kubacuruza.

IP Umulisa yababwiye ko ibiyobyabwenge nk'urumogi, kanyanga, n'ibindi bitera ababinyoye gukora bene biriya byaha, maze abasaba kutabinywa, kutabicuruza, no kutabikwirakwiza, kandi bagatanga amakuru y'ababikora.

Yasoje abasaba kujya batanga amakuru y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kuri nomero ya terefone 3512, iryakorewe abana ku 116, cyangwa bakayatanga kuri sitasiyo za Polisi y'u Rwanda zibegereye.

Kicukiro: Abanyeshuri bo mu bigo bine bashyizeho amahuriro yo kurwanya ibyaha

Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ane yo mu karere ka Kicukiro bashyizeho amahuriro yo kurwanya ibyaha (Anti-crime Clubs).

Byakozwe n'abo mu Rwunge rw'amashuri rwa Nyanza, abo mu rwa Gatenga ya mbere , abiga muri Samuduha Integrated College (SICO) n'abo mu Ishuri ryisumbuye rya Kanombe (Ryahoze ryitwa EFOTEC).

Abiga mu Rwunge rw'amashuri rwa Nyanza n'abo mu rwa Gatenga ya mbere bashyizeho amahuriro yabo abiri ku itariki 9 Gicurasi, naho abiga muri SICO no mu Ishuri ryisumbuye rya Kanombe bashyizeho ayabo abiri ku itariki 10 Gicurasi.

Abo banyeshuri bageraga ku 3061 bashyizeho ayo mahuriro uko ari ane nyuma y'ibiganiro bagiranye na Polisi y'u Rwanda mu karere ka Kicukiro.

Uwatorewe kuba Umuhuzabikorwa w'ihuriro ryo muri SICO, Tuyisenge Nkusi, yagize ati:"Iri huriro twashyizeho ni urubuga rwiza rwo kungurana ibitekerezo no gufatira hamwe ibyemezo by'uko twakwirinda no kugira uruhare mu kurwanya ibyaha."

Tuyisenge yakomeje agira ati:"Nk'urubyiruko, tugomba gukoresha imbaraga zacu mu kurwanya ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano. Ibiyobyabwenge biri mu bishobora kwangiza ahazaza hacu, bityo tugomba kubyirinda kandi tugakangurira n'abandi kubyirinda no kubirwanya ."

Uwatorewe kuba Umuhuzabikorwa w'iryo mu Rwunge rw'amashuri rwa Gatenga ya mbere, Mutangana Olivier, yagize ati:"Turi kwiga kugira ngo tuzigirire akamaro, tukagirire imiryango yacu ndetse tukagirire n'igihugu muri rusange. Kugira ngo ibyo tubigereho tugomba kwirinda

Kicukiro: Abanyeshuri bo mu bigo bine bashyizeho amahuriro yo kurwanya ibyaha

ibiyobyabwenge ndetse n'ikindi kintu cyose gishobora kurogoya indoto zacu nziza."

Yavuze ko azajya asobanurira urundi rubyiruko ndetse n'abandi bantu ingaruka mbi z'ibiyobyabwenge, kandi abasabe kwirinda ibyaha aho biva bikagera.

Aganira n'abo banyeshuri bo muri ibyo bigo bine, ushinzwe imikoranire ya Polisi y'u Rwanda n'abaturage ndetse n'izindi nzego hagamijwe ubufatanye mu kwicungira umutekano mu karere ka Kicukiro, Inspector of Police (IP) Hamdun Twizeyimana, yababwiye ko ibiyobyabwenge bitera umuntu wabinyoye gukora ibyaha nko gusambanya abana, gufata ku ngufu, gukubita no gukoretsa ndetse n'ubujura.

Yababwiye ati:"Hari bagenzi banyu bajya bava mu ishuri kubera gutwara inda zitateganijwe bitewe no kunywa ibiyobyabwenge. Mwe muzi ingaruka zabyo mujye mukangurira urundi rubyiruko ndetse n'abandi bantu kubyirinda no kugira uruhare mu kubirwanya baha Polisi y'u Rwanda amakuru y'ababinywa, ababitunda n'ababicuruza."

Yababwiye ko amakuru y'ihohoterwa ryakorewe umwana bayatanga kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ibegereye cyangwa bagahamagara nomero ya terefone itishyurwa 116; 3512 ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina; 111 mu gihe habayeho inkongi y'umuriro; 113 ku bijyanye n'impanuka zo mu muhanda; 110 ku byaha byo mu mazi na 997 ku byaha bya ruswa.

Umuyobozi w'Ishuri rya SICO, Rurangwa David yagize ati: "Ubu bumenyi abanyeshuri bungutse buzatuma birinda ibiyobyabwenge, hanyuma ibyo bitume batsinda mu ishuri, kandi babe abenegihugu beza."

Yasabye abo banyeshuri abereye umuyobozi gukurikiza inama bagiriwe, kandi abizeza ko azababa hafi kugira ngo ihuriro ryo kurwanya ibyaha bashyizeho rizagere ku ntego zaryo.

Aya mahuriro ane aje yiyongera ku yandi 17 yashyizweho mu yandi mashuri yo muri aka karere mu bihe byashize naho mu gihugu cyose bene aya mahuriro akaba akabakaba 850.

Yasabye abo banyeshuri abereye umuyobozi gukurikiza inama bagiriwe, kandi abizeza ko azababa hafi kugira ngo ihuriro ryo kurwanya ibyaha bashyizeho rizagere ku ntego zaryo.

Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bakanguriye abaturiye amashyamba ya Gishwati na Mukura kuyabungabunga

Agashami ka Polisi y'u Rwanda gashinzwe kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije n'ibyaha bibikomokaho (Environmental Protection Unit-EPU), Ubuyobozi bw'Intara y'Iburengerazuba n'abandi bafatanyabikorwa bafite aho bahurira no kubungabunga ibidukikije barimo Ikigo cy'igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije (REMA), Ikigo cy'igihugu gishinzwe umutungo kamere (RNRA) n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe kwihutisha iterambere (RDB), mu cyumweru gishize bagiranye inama n'abaturage bagera kuri 400 bo mu mirenge ya Manihira na Rusebeya yo mu karere ka Rutsiro, babakangurira kubungabunga inkombe z'imigezi n'ishyamba rya Mukura, kwirinda ibyaha byo gucukura amabuye y'agaciro nta burenganzira babifitiye, ndetse no kwangiza ibidukikije muri rusange.

Nsabimana Patrick wari waturutse muri REMA, yabwiye abo baturage b'iyo mirenge ati:"Murasabwa kubungabunga aya mashyamba n'imigezi iyakikije kuko ibafitiye akamaro n'igihugu ndetse n'akarere duherereyemo. Mwirinde gucukuramo amabuye y'agaciro mu buryo butemewe n'amategeko, kandi mutange amakuru y'ababikora."

Bagirijabo Jean d'Amour wari waturutse muri RNRA, yababwiye ati:" Gucukura amabuye y'agaciro nabi bigira ingaruka ku bidukikije, akaba ari yo mpamvu kuyacukura bigengwa n'itegeko, ndetse hakaba hariho n'amabwiriza agenga ubucukuzi bwayo."

Yabamenyesheje ko hagiye gutangwa impushya zo gucukura nyuma yo gutunganya amakarita agaragaza ahacukurwa mu Karere ka Rutsiro, kandi ababwira ko bazabigiraramo inyungu kuko abaturage bahatuye ari bo bazahabwa akazi.

Umuyobozi wa Environmental Protection Unit, Superintendent of Police (SP) Modeste Mbabazi, yabwiye abo baturage ati:"Ibidukikije ni urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho y'abantu. Kwangiza ibidukikije ni ugushyira mu kaga ubuzima muri rusange."

Yabasobanuriye ingaruka bashobora guhura na zo mu gihe baba bafatiwe mu byaha byo gucukura no gucuruza amabuye y'agaciro nta burenganzira bafite nk'uko ingingo ya 438 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko umuntu wese wiha gukora imirimo y'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro bitemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000), cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

SP Mbabazi yababwiye ko n'iyo kandi baba bafite uburenganzira batagomba kurenga ku mategeko agenga iyo mirimo.

Yabasabye kurengera ibidukikije mu bikorwa byabo bya buri munsi kandi bagaha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zibishinzwe amakuru y'ababyangiza.

Abo baturage babajije ibibazo kandi banyurwa n'ibisobanuro bahawe n'abo bayobozi batandukanye.

Mu minsi ishize, abantu 21 bafatiwe mu kagari ka Remera, ho mu murenge wa Rusebeya bari gucukura amabuye y'agaciro nta byangombwa bafite, ubu bakaba bafungiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Gihango.

Gicumbi: Abakorerabushake mu kwicungira umutekano biga muri Kaminuza biyemeje kurushaho gukumira ibyaha

Abanyeshuri 38 b'abakorerabushake mu kwicungira umutekano (Rwandan Youth Volunteers in Community Policing Organization-RYVCPO) biga muri Kaminuza y'Ikoranabunga n'Ubugeni ya Byumba (University of Technology and Arts of Byumba-UTAB) ihererereye mu kagari ka Gacurabwenge, umurenge wa Byumba, biyemeje kongera imbaraga mu bukangurambaga bwo kurwanya ibyaha.

Izi ngamba bazifatiye mu kiganiro bagiranye na Inspector of Police (IP) Alphonse Kayonga, akaba ashinzwe imikoranire ya Polisi y'u Rwanda n'abaturage ndetse n'izindi nzego hagamijwe ubufatanye mu kwicungira umutekano muri aka karere.

IP Kayonga yabwiye urwo rubyiruko kongera imbaraga mu gukangurira abandi kwirinda ibyaha nk'icuruzwa ry'abantu n'ibiyobyabwenge.

Yabasobanuriye ko abakora ubucuruzi bw'abantu bizeza abo bashaka kujya gucuruza ko bazabaha cyangwa bakabashakira akazi cyangwa amashuri meza mu bindi bihugu, kandi yongeraho ko bibasira urubyiruko.

Yababwiye ko iyo babagejejeyo, babambura ibibaranga byose, maze bakabakoresha imirimo ivunanye nta gihembo, ndetse bakabashora mu bikorwa by'urukozasoni nk'ubusambanyi.

IP Kayonga yababwiye ati:"Mu bikorwa byanyu by'ubukangurambaga, mujye mubwira urundi rubyiruko kwima amatwi umuntu waza abizeza bene ibyo bitangaza, ahubwo igihe bamenye amakuru yerekeye ibyo bikorwa byo gucuruza abantu, bagahita babimenyesha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zibishinzwe kugira ngo ababikoze cyangwa abafite imigambi yo kubikora bafatwe."

Yakomeje ababwira ati:"Mujye kandi musobanurira abandi bantu ko umuntu ufatanywe ibiyobyabwenge afungwa, kandi agacibwa ihazabu. Na none mujye mubabwira ko biteza abantu igihombo kubera ko iyo bifashwe byangizwa."

Umuhuzabikorwa wabo, Nganeyezu Emmanuel we yagize ati:"Nk'urubyiruko, tugomba kugira uruhare mu guteza imbere igihugu cyacu duhereye ku kurwanya ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano w'abagituye n'ibyabo."

Yasabye bagenzi be gukurikiza inama bagiriwe na Polisi y'u Rwanda muri aka karere, kandi bagatanga urugero rwiza mu byo bakora byose.

RYVCPO ifite abanyamuryango basaga 20,000 mu turere twose tw'igihugu aho bakorera ibikorwa bigamije kurwanya no gukumira ibyaha.

Mu mwaka ushize, RYVCPO yasinyanye na Polisi y'u Rwanda amasezerano y'ubufatanye mu kwicungira umutekano.

Police Hand Ball Club yasoje icyiciro cya mbere cya Shampiyona iri ku mwanya wa mbere.

Icyiciro cya mbere cya Shampiyona y'umukino w'intoki wa Handball mu Rwanda cyarangiye kuwa gatandatu tariki ya 14 Gicurasi cyarangiye ikipe ya Police Handball Club iri ku mwanya wa mbere, ikaba itara itaratsindwa umukino n'umwe.

Kuwa gatandatu tariki ya 14 Gicurasi Police Hand Ball Club yatsinze ishuri ryisumbuye rya Kigoma ibitego 30 kuri 15, iyi ntsinzi ikaba ari ikimenyetso cyo kongera kwegukana igikombe cy'uyu mwaka ku nshuro ya 4 yikurikiranya.

Police Hand Ball Club ubu ikaba iri ku mwanya wa mbere n'amanota 27 mu mikino 9 imaze gukina, ikaba izigamye ibitego birenga 200, ikaba ikurikiwe na mukeba wayo w'ibihe byose APR Hand Ball Club ifite amanita 25.

Muri uwo mukino wayihuje n'ishuri ryisumbuye rya Kigoma, Kapiteni wa Police Hand Ball Club niwe witwaye neza kurusha abandi.

Nyuma y'uwo mukino, umutoza wa Police Hand Ball Club Assistant Inspector of Police (AIP) Antoine Ntabanganyimana yagize ati:"Intego yacu ni ugutsinda imikino yacu yose isigaye , tuzakomeza twitware neza no mu cyiciro gikurikiraho kuko niyo nzira izadufasha kwisubiza igikombe."

Yakomeje agira ati:"Muri aka karuhuko tugiyemo, turaboneraho umwanya wo kwitegura irushanwa ryo kwibuka abakinnyi n'abakunzi ba Hand Ball bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 riri gutegurwa rikaba rizaba mu kwezi kwa Kamena."

POLISI Y'U RWANDA IKANGURIRA ABANTU

KURWANYA IBIYOBYABWENGE

KWIRINDA ABASHUKANYI

KWIRINDA IMPANUKA

TURN BACK CRIME

ubukangurambaga

"TUBURIZEMO IBYAHA"

POLISI

SPORT

Police Hand Ball Club yasoje icyiciro cya mbere cya Shampiyona iri ku mwanya wa mbere.